# INGENDO ZA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI ZA PREFEGITURA ZOSE Z'U RWANDA KUVA KU ITALIKI YA 29 WERURWE KUGEZA KU YA 6 GICURASI 1978

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, Militant HABANABAKIZE Thomas, yagendereye Prefegitura zose z'u Rwanda abonana na ba Militantes na ba Militants baho kandi asura imishinga imwe ya kijyambere.
Yali aherekejwe n'abayobozi bakuru : uw'ishami ly'Imizamukire y'Abaturage n'uw'ishami lishinzwe kwamamaza za Koperative.
Mu ngendo ze muli buli prefegitura yagiye ahura n'abakozi bashinzwe gutsura amajyambere mu baturage.

Abo bakozi ni aba : ba Prefe, ba sous-prefe, ba bourgmestri, abakuru b'imilimo muli prefegitura, abakozi bose ba Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, ba Ankadreri ba za Koperative muli Komini, Abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere muli Komini, abashinzwe ibigo bitsura amajyambere muli prefegitura no mu masegiteri n'abayobora amashuli y'ababyeyi.
Iryo hura lya Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative n'abashinzwe gutsura amajyambere mu baturage ligamije ibi bikulikira :

1. Kumenyesha no gusobanura imilimo ya Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative no kwerekana uruhare runini ifite mu mishinga ya kijyambere iliho cyangwa iteganyijwe muli Pla ya kabili y'imyaka itanu.

2. Kumva, kuganira no kugisha inama abaje muli iryo hura no kungurana ibitekerezo kugira ngo Ministeri ishobore gutunganya neza imilimo ishinzwe muli za Prefegitura no mu ma komini.

3. Iryo hura n'uko kungurana ibitekerezo bizafasha Ministeri gushyiraho amabwiliza na Programu zigaragara mu gutsura amajyambere y'abaturage no guteza imbere imizamukire ya za koperative mu gihugu cyacu.

---

# URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA CYANGUGU (29-30 WERURWE 1978).-

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagendereye Prefegitura ya Cyangugu ku mataliki ya 29 na 30 Werurwe 1978.
Yakiliwe na Prefe wa Prefegitura ya Cyangugu, Militant KAGINA Bernardin na ba Militantes na ba Militants bali baje mu nama.
Prefe wa Cyangugu yamenyesheje abali bateraniye aho uko imizamukire y'Abaturage na za Koperative byifashe muli prefegitura ayobora.
Ingorane prefegitura ya Cyangugu ihura nazo mu byerekeye imizamukire y'abaturage, n'ukutagira ibikoresho bihagije, abakozi bake kandi batajijutse bihagije, amazu adahagije, kutabona programu nshya y'ibigo bitsura amajyambere, no kudashobora kubona imfashanyo y'abakene.
Hakulikiyeho ijambo lya Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative asobanulira abali aho imiterere ya Ministeri ayobora, arangije aha buli wese ubishatse ijambo kugirango atange ibibazo cyangwa ibyifuzo byatuma imilimo dushinzwe igenda neza.
Ministri yibukije abali aho ko bagomba kungurana ibitekerezo kuko ibibazo bikunda kuba byinshi mu milimo bashinzwe. Ubwo rero ibyo bibazo biliho byaba byiza bimenyekanye bigashakirwa umuti. Ba militantes na ba militants ba Cyangugu bagejeje kuli Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative ibibazo n'ibyifuzo byabo.

<u>Mu Mizamukire y'Abaturage</u>

1. Bashatse kumenya uko programu nshya y'Ibigo bitsura amajyambere iteye n'igihe izatangilira kuko igamije kujijura abanyarwanda b'ibitsina byombi, abakuru n'abato.
   Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yabamenyesheje ko programu igamije kujijura ibitsina byombi atali ubundi buryo bushya ku bwali busanzwe, ahubwo ali uko umugore n'umugabo bazajya bajijurwa kimwe kuko bose babikeneye bakava mu bujiji. Iyo programu lero, ilimo gutegurwa nirangira izoherezwa abashinzwe ibigo bitsura amajyambere.
2. Abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere babajije akamaro ko gusura abaturage mu ngo zabo (visite à domicile) kandi baba bali mu milimo yabo bwite cyangwa badahali.
   Ministri yabashubije ko ubundi gusura abaturage imuhira ali byiza kuko alibwo umuntu ashobora kumenya ibibazo byabo kandi mbere yo kubasura bagomba kubimenyeshwa kugirango bashobore kuvuga igihe bazaba bali imuhira naho ubundi ntibababasangayo.
3. Bagejeje kuli Ministri ingorane ziboneka mu bigo bitsura amajyambere : kubura ibikoresho bihagije, n'abakozi (abakobwa) badafite ubumenyi buhagije kandi barangiza kwiga bakili bato ntibashobore gukulikiza neza ibibazo by'abaturage kandi nabo bakabasuzugura ngo ni abana.
   Ku byerekeye ibikoresho, Ministri yabasezeranije ko narangiza ingendo ze azigira hamwe n'abayobozi b'ibigo bitsura amajyambere muli prefegitura, bakareba uburyo nk'ibigo bine cyangwa bitanu muli buli prefegitura nibura byahabwa ibikoresho mu gihe bagishakira ibindi bisigaye. Muli icyo gihe nibwo bazareba ibikoresho bikenewe ibyo ali byo n'ibigo byabanza kubibona mbere y'ibindi kuko byose bidashobora kubibonera limwe kubera amafranga make.

- Ikibazo cy'abakobwa batangira gukora bakili bato, Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative na Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu zarakize. Hali programu yakozwe yo gukuraho section terminale (D.5) yo ku Karubanda hagasigara section moyenne (D.7.). Ubwo bulyo buzatuma abakozi barangiza neza imilimo bashinzwe kuko bazaba bafite ubumenyi buhagije kandi bakuze. Iyo programu izatangira gukulikizwa ivugururwa ly'amashuli nilitangira.

4. Abakunda kujya kujijurwa mu bigo bitsura amajyambere cyane ni abakobwa benda gushyingirwa naho abagore n'abagabo ntibarabyumva neza.
Ibyo twasanze biterwa ahanini no kudasobanulira abaturage akamaro ko kujijurwa mu bigo bitsura amajyambere.
Ba Burgmestri basabwe kujya basobanulira abaturage kenshi akamaro ko kujya kwigishwa kuko birwanya ubujiji, mu nama bákoresha zose ibyo ntibagomba kubyibagirwa.

5. Abakozi ntibafite ubulyo bwatuma bagera mu baturage ngo babagire inama nk'uko bikwiye (moyen de déplacement). Nta modoka.

Ministri yavuze ko icyo kibazo kizwi. Ministeri iliga ukuntu yabonera abakozi bayo ubulyo bwo kujya basura abaturage kenshi.
Abakozi ba Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative muli Cyangugu basabye ko mu gihe imodoka ya Ministeri igiye yo yajya ibashyira ibikoresho kuko bo bibarushya kujya i Kigali kubifatayo kandi nta modoka yo kubitwara baba bafite kandi ali kure.

6. Ibikoresho byo kwigishilizaho abali n'abategarugoli (ubudodo, ibitambaro, n'ibindi) abacuruzi babihendaho cyane. Abanyeshuli ntibashobora kubona amafranga abiguze, nyamara mbere bigitangwa na Ministeri barabiguraga kuko bitabahendaga. Ubu lero amafranga abigura atangwa na Komini kandi tuzi ko inyinshi zikennye. Ministri yashubije ko icyo kibazo abashinzwe ibigo bitsura amajyambere bagisuzumira hamwe na ba burgmestri.
Yakomeje ababwira ko Ministeri izareba ubulyo ibyo bikoresho byagulirwa hamwe bikoherezwa muli buli prefegitura bigashobora kugera ku babikeneye (commandes collectives).

7. Babajije impamvu CHAR yavuyeho ntisimburwe kandi aliyo yafashaga abaturage kubaka neza (CHAR): Crédit pour l'Amélioration de l'Habitat Rural).
Ministri yababwiye ko amafranga yali muli CHAR yashyizwe muli FOSOR (Fonds de Solidarité Rwandaise) kugira ngo iyo mfashanyo ihabwe abaturage bali mu byago. Aliko yavuze ko ataramenya neza impamvu iyo CHAR yavuyeho.
Yabasezeranyije kuzareba neza impamvu zatumye Leta ivanaho CHAR kandi ko nasanga iyo mpamvu yatumye ivaho itakiliho azasaba Leta ikongera igashaka ubulyo hasubizwaho indi sanduku imeze nka CHAR kugira ngo abaturage bashobore kugulizwa no kubaka.

8. Mu gihugu abakene n'imbabare ni benshi cyane, bafashwa bate ?
Ministri yabwiye abali aho ko ikibazo kizwi kandi ko byose biterwa ni uko igihugu nacyo gikennye, n'amafranga agenewe gufasha bene abo akaba ali make cyane (700.000 Frs mu gihembwe). Uretse n'izo mbabare zili mu gihugu, Ministeri ifasha n'ibigo by'imfubyi, amashuli y'ababyeyi, n'amavuliro amwe n'amwe. Kubera ko ayo mafranga ali make, akaba ntacyo yamalira abayahawe kuko ali benshi cyane, Ministri yasabye abali aho ko uwabona ubundi bulyo ayo mafranga yakoreshwa kugira ngo agilire abaturage akamaro yabimenyesha abandi. Yongeye kubamenyesha ko icyo kibazo kikigwa muli Ministeri.

9. Basabye Ministri kumvisha abaturage ibyerekeye imizamukire y'abaturage ku bulyo buhagije muli Radiyo.

- Gusobanura neza uruhare monitrice sociale na moniteur social bafite n'imilimo bashinzwe (attributions précises)
- Guhugura kenshi abakozi ba Ministeri bo mu makomini no mu maprefegitura.

Ministri yabemereye kuzagerageza kubitunganya.

10. Ku byerekeye imizamukire y'abaturage muli rusange, abaturage ntabwo bajijurwa ngo bagirwe inama ku bulyo buhagije cyane cyane mu bireba kubyara abana bashoboye kurera.

Ministri yabamenyesheje ko hali impuguke z'u Rwanda zishinzwe kwiga icyo kibazo, zivuye muli Australiya, Tuniziya, Kenya na Ile Maurice.

Zajyanyweyo no kugirango zimenye ubulyo bukoreshwa muli ibyo bihugu kugirango bafashe ababyeyi kwilinda kubyara indahekana. Kuko icyo kibazo kigomba kwigwa buhoro buhoro, kigomba kwitonderwa. Ubulyo butunganiye igihugu cyacu nibumara kuboneka buzabanza kugeragezwa ahantu hatatu: mu bitaro by'i Kigali, i Butare no mu Ruhengeri. Nibumara gutungana nibwo buzakwizwa mu gihugu cyose.

(MOUVEMENT COOPERATIF)

11. Koperative ziburana zareze cyangwa zarezwe zigatsindwa kubera kutamenya kuburana, zigacibwa amafranga menshi bigatuma zisenyuka, zasabye ko Ministeri yajya izirwanaho mu kuburana kugirango umutungo wazo udahungabana.

Ministri yashubije ko ubundi Koperative iyo imaze kwemerwa iba imeze nk'umugabo mu rugo rwe, kuko Koperative ishobora kwiburanira byayinanira ikabona kwiyambaza Ministeri.

Ministri yabamenyesheje ko muli Ministeri ashinzwe hali abakozi bagoboka koperative mu gihe cy'imanza bakaziburanira igihe babonye koko ali ngombwa (Service du Contentieux).

12. Hali Koperative y'ubuhinzi bw'umuceli yitwa CAVECUVI ikorana n'umushinga (projet) wa Minagri ugenewe kwamamaza ubuhinzi bw'umuceli mu karere ka Bugarama. Uwo mushinga ushyiraho ibiciro by'umuceli bili hasi y'ibyo abanyamulyango ba CAVECUVI bifuza ibyo bigatuma bacika intege. None umushinga warangije imilimo yawo, balibaza rero niba CAVECUVI ishobora gukomeza imilimo yose uwo mushinga wakoraga cyangwa niba igomba kuvanwaho burundu.

Uwali uhagaraliye CAVECUVI na Agronome wo muli uwo mushinga bavuze ko hali commission ishinzwe kwiga icyo kibazo kandi ko dossier ikubiyemo izo ngorane zose ili muli Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Basabye rero Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative gusuzumira hamwe na Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi icyo kibazo kugira ngo CAVECUVI ishobore kwikomereza imilimo yayo neza.

Mu gitondo kuwa 30 Werurwe 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye Koperative KABIZECYA yo muli Komini Cyimbogo i Cyangugu.

## Urugendo rwa Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative muli Prefegitura ya Byumba.

Kuwa 3 no kuwa 4 Mata 1978, Ministri w'Imizamukire y' Abaturage na za Koperative yagendereye Prefegitura ya Byumba.
Amaze gusobanulira abali aho uko Ministeri ayobora iteye, Ministri yahaye buli wese ijambo kugira ngo bungurane inama kandi basuzumire hamwe ibibazo bibangamiye imilimo buli wese ashinzwe mu mizamukire y'abaturage.
Hali ibibazo n'ibyifuzo byatanzwe na ba militantes na ba militants ba Prefegitura ya Byumba.

### Mu mizamukire y'Abaturage.

1. Gutura neza kandi heza.
   Kubera ubwiyongere bw'abaturage, nta hantu heza komini ibona ishobora kubatuza neza kandi buli sambu ifite nyirayo, byagenda bite kugirango abantu bature hamwe ?
   Ministri yashubije avuga ko ubundi urebye uko abanyarwanda batuye icyo kibazo nticyoroshye. Icyo twe dushobora gukora ni ugusobanulira abaturage akamaro ko gutura neza kandi heza. Muli icyo gihe hasigara ikibazo cy'amafranga n'amasambu. Abaturage bamaze kubyumva bakwishyira hamwe bakubakirana.
   Na none Komini iramutse ifite ahantu yatuza abantu bayo, yahera ku bakili bato batangiye kurushinga, kuko kwimura umuntu aho atuye amaze no kugira abana benshi n'ibikorwa ntabwo byoroshye. Leta nayo ntirabona inzira iboneye yo gusubiza icyo kibazo.
   Ba bourgmestres babishoboye bagerageza gushakira abaturage, cyane cyane abasore aho bashobora gutura kijyambere.

2. Ibiro bigenewe gufasha imbabare muli Ministeri.
   Hali uwashatse kumenya inzira yanyuramo kugirango imbabare itagira epfo naruguru ishobore gufashwa, gucumbikirwa no kubona icyo yambara. Ministri yamushubije ko ubundi hali imfashanyo y'amafranga aliko ikaba ali nkeya cyane ugereranyije n'abakene igihugu gifite.
   Ushaka rero kwakira imbabare imfashanyo muli Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za koperative, abanza kubinyuza kuli Burgmestri no kuli Préfet nyuma bigashyikilizwa Ministeri ikabisuzuma.

3. Umwaka wa 1979 n'umwaka w'Abana.
   Ni abana bangana iki kandi uwo mwaka uzubahilizwa ute ?
   Ministri yamenyesheje abali aho ko abana bitilirwa umwaka wa 1979 ali abana bakili batoya cyane kandi ko amabwiliza yo kuwubahiliza azohererezwa ba Bourgmestres bose.

.../...

4. - Komini Tumba ifite ishuli ry'ababyeyi (Centre Nutritionnel) . [illegible] lifashwa na Komini, bourgmestre wayo yabajije impamvu batalifasha nk'uko bafasha andi mashuli y'ababyeyi.
Ministri yamushubije ko mu mfashanyo zitangwa n'iryo shuli lizafashwa kuko ligomba kwitabwaho.
- Komini Tumba yujuje inzu ya Banki y'Abaturage ikaba yifuza ko bafasha iyo banki gutangira umulimo wayo vuba.
Ministri yamugiliye inama yo kuzandikira ubuyobozi bukuru bwa banki z'abaturage binyujijwe kuli prefe kandi bimenyeshejwe Ministri w'Imali n'Ubukungu n'uw'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative avuga uko bimeze.

5. Abali aho basabye ko Ministri yasobanura neza imilimo buli mukozi wayo ashinzwe kuko bagongana n'abakozi b'izindi Ministeri.
Ministri yababwiye ko icyo kibazo kizwi kandi ko plan d'action communale izashobora kurwanya iryo gongana ly'abakozi.
Ibyo bigomba kuzasobanurwa ku buryo bwumvikana. Za Ministeri zibishinzwe zizabisuzumira hamwe.

6. Ku kibazo cyo kumenya niba hali abagabo bajijulirwa kuzigisha mu bigo bitsura amajyambere kuko bizajya byigwamo n'ibitsina byombi, Ministri yashubije ko hali ishuli ry'abahungu i Kansi (Butare) litanga bene izo nyigisho ku buryo nibarangiza bazakora mu bigo bitsura amajyambere. Iryo shuli ryatangiye muli 1977.

7. Abakozi bo mu bigo bitsura amajyambere bakeneye ibikoresho-mfashanyigisho (matériel didactique) n'ibindi bikoresho. Hagombye kubaho agatabo katuma babigisha bimwe bagakulikira programu imwe.
Muli prefegitura ya Byumba bavuze ko bafite udutabo bigishilizamo mu bigo bitsura amajyambere. Bafite :
- Umubano n'isuku
- Amasambu y'abahinzi n'aborozi
- Ubworozi bw'amatungo magufi
- Duhinge tworore kijyambere.
Ministri yabamenyesheje ko hakwiye kubaho programu ikulikizwa mu bigo bitsura amajyambere byose kandi ikaba imwe. Yabasezeranije ko Ministeri izashaka agatabo gakubiyemo inyigisho zigomba gutangwa mu ...go bitsura amajyambere. Komini nayo ikwiye kugerageza gushakira ...go byayo ibikoresho bya ngombwa kugira ngo akazi kagende neza.

./..

8. Gufasha imbabare: imfashanyo ni nkeya kandi imbabare ni nyinshi.
Hali umumilita w'i Byumba watanze igitekerezo cyo gushyiraho isanduku igoboka imbabare (caisse nationale d'Assistance publique) aho buli wese yajya ashyiramo akulikije uko afite kugirango imbabare zifashwe.
Icyo gitekerezo abali mu nama baragishimye.

9. Ibyifuzo bya ba militantes na ba militants ba Byumba :
- guhugura abakozi (recyclages)
- kubaha ibikoresho mu bigo bitsura amajyambere
- gusobanulira abaturage ibyerekeye imizamukire yabo muli radiyo
- gutanga essence kugirango abakozi bashobore gukoresha imodoka za prefegitura
- gushyira une assistante sociale muli OVAPAM Komini Muvumba

Mouvement Coopératif.

10. Koperative z'ubuhinzi bw'icyayi muli Byumba zihura n'ingorane y'amazi menshi mu bishanga ntizishobore guhinga n'ibyo zihinze bikangilika.
Ministri yabamenyesheje ko icyo kibazo cy'amazi mu bishanga kizwi kandi ko Ministeri y'Ubuhinzi n'ubworozi ifite imishinga yo gutunganya ibishanga.

11. Hali umunyamuryango wavuze ko hali raporo basabwa na Inspegiteri wa Koperative, akenshi ali ibyo bagomba kuzuza akabyohereza byanditse mu gifransa kandi abanyamuryango batakizi...
Yasabye ko ibyo bohererereza koperative y'abanyamuryango batazi igifransa bajya babyandika mu kinyarwanda kugirango babyumve kandi bashobore gusubiza.
Ministri yamushubije ko ku byerekeye raporo ubundi byagombaga kuba mu rulimi umuntu yumva kugira ngo imilimo igende neza. Yamusezeranyije ko aho dushoboye gukoresha ikinyarwanda bizashoboka n'ubwo bikomeye bwose.

12. Koperative zifasha abaturage gutura neza no kubazanira ibyo bakeneye, ntizishobore kubona ibikoresho kuko abacuruzi bazitambamira. Hali ukuntu zabona aho zirangulira ibyo zikeneye ku giciro cyiza?
Ministri yabemereye kuzabaza TRAFIPRO kugira ngo ifashe koperative nk'izo kubona ibyo zikeneye kurangura ku giciro cyiza.

13. Kubyerekeye gufasha imiryango ya koperative ifite intege nke Ministri yabamenyesheje ko Ministeri ayobora ifite ibiro bigenewe gufasha koperative (Bureau d'Aide au Développement) bikaziguliza amafranga yo gukoresha. Aliko ayo mafranga ibyo biro bifite ni make. Hali na none Fonds spécial de garantie yashyizweho na Prezida wa Republika izashobora kwishingira koperative ziguza zidafite ibyo zitangaho ingwate bihagije. Ahandi koperative zishobora kuguza ni muli Fonds de Développement communal.

. . . / . . .

Ubwo ni uburyo bugamije gushyigikira za koperative kugirango zishobore kugulizwa.

14. Koperative ziburana imanza zatsinda ntizibone vuba amafranga zatsindiye zirasaba Ministeri kuba yazikulikiranira icyo kibazo koperative zikishyurwa vuba.
Ministri yabamenyesheje ko Ministeri ayobora ifite abakozi bashinzwe kureba akarengane ka za koperative. Yabasabye ko bene ibyo bibazo byajya bishyikirizwa Ministeri hakili kare kugirango ishobore kubikulikirana.

15. Koperative y'Ubuhinzi bw'icyayi n'ubworozi muli komini ya Kinyami.

- Abanyamulyango ntabwo bashaka gukora none icyayi cyarangilitse kuko gifashwe nabi.
Abanyamulyango nta n'ubwo bashaka kujya mu nama. Kuli icyo kibazo, Ministri yavuze ko abakozi ba Ministeri ye bazajya kureba uko bimeze bakagerageza kubagira inama.

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye ibikorwa bya kijyambere muli Komini Rutare na Kinyami ku italiki ya 4 Mata 1978.
Muli komini Rutare yasuye ikigo gitsura amajyambere (Centre Communal de Développement et de Formation Permanente) kijijura abaturage b'ibitsina byombi.
Yagiye no kureba aho Komini yororera inka bya kijyambere n'aho abaturage bo muli komini bishyize hamwe kugirango borore inka.
Avuye i Rutare, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagiye gusura umushinga wo gutuza abaturage ahitwa ku Cyuru muli Komini Kinyami.
Abazahatura buli wese azagira umulima we ahingamo ibimutunga, ahandi bajye bahahingira hamwe bakore umuryango wa koperative.

=-=-=-=-=-=-=

URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA KIBUYE

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagendereye Prefegitura ya Kibuye kuwa gatanu Mata 1978.

Nyuma y'ijambo rye asobanura uko Ministeri ayobora iteye, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasabye buli wese kuba yatanga i ibitekerezo bye, ibibazo, cyangwa ibyifuzo yaba ashaka kugeza ku bandi ngo nabo babimenye.

Mu mizamukire y'abaturage

1. Ku byerekeye abakozi bakora mu mashuli y'ababyeyi bagomba guhembwa na Komini kimwe n'abo mu bigo bitsura amajyambere, ba bourgmestres basabye ko amafranga ababyeyi batanga mu mashuli yabo akwiye kuba aya komini kuko aliyo ihemba abakozi kandi ikagura ibikoresho.
Kubera ko ahenshi amashuli y'ababyeyi afashwa n'abagira neza byaba byiza ko Ministeri yakwigira hamwe icyo kibazo n'abayobozi b'amashuli y'ababyeyi, ab'ibigo bitsura amajyambere na ba bourgmestres.

2. Kuko amafranga ateganyilizwa gufasha imbabare yoherezwa muli za prefegitura ali make akaba ntacyo yamalira abayahawe, hali umumilita watanze icyifuzo cyo kuba bayashyira hamwe bakayubakisha inzu yo gucumbikiramo abagenzi batishoboye.
3. Amacumbi y'abagenzi n'abakozi.
Abagenzi n'abakozi babura aho bacumbikira cyane cyane i Kigali.
Hali za Hôtels zicumbikwamo n'abantu bakize gusa, kuki Leta itagerageza gushyiraho amacumbi alinganiye abafite amafranga make nabo bakaba babona aho bacumbika ?
Koko icyo nacyo ni ikibazo gikwiye kwigwa kuko abagenzi benshi usanga babuze aho bacumbika cyane mu mujyi i Kigali hali abantu benshi.
4. Service social spécialisé ili muli Ministeri gusa kandi no mu maprefegitura bayikeneye.
Balifuza ko muli prefegitura haba nibura ibiro, kugirango ibibazo byaho bimenyekane. Icyo gitekerezo yasanze ali cyiza avuga ko na Ministeri ashinzwe ibona ali ngombwa kuzashyira muli buli prefegitura ibiro bya service social spécialisé. Uwo mushinga uliho.

5. Ku byerekeye kwigisha gusoma no kwandika, bavuze ko abaturage bagira umwete muke wo kujya kwigishwa, ko nta bikoresho bafite n'amashuli akaba make. Ministri yabashubije ko byose biterwa n'ubushake bw'abantu bashinzwe kwigisha kuko alibo bagomba gucengeza mu baturage ayo matwara ya kijyambere bakabasobanulira akamaro ko kujijuka.
Naho ibyerekeye amashuli yo kwigishilizamo aho Centre Communal de Développement et de Formation Permanente alibyo bigo bitsura amajyambere byigisha ibitsina byombi bitaratangira, bakwiye kwifashisha amashuli mu gihe cy'ikiruhuko n'abanyeshuli bakabafasha kwigisha.

.../...

Kubyerekeye programu nshya n'ibikoresho byo mu bigo bitsura amajyambere, yabamenyesheje ko Ministeri ilimo kwiga uburyo bwo gutegura iyo nyigisho. Irashaka no kubanza kumenya neza ibikoresho bikenewe mu gutanga izo nyigisho n'abantu bagomba kuzitanga.

6. Kubera ko mu gihugu hali imbabare nyinshi kandi zikeneye gufashwa, Ministri yavuze ko muli buli prefegitura haba nibura ikigo kimwe cy'imfubyi n'icy'abasaza badafite umuntu wo kubitaho.

7. Hali abantu barwalira mu bitaro batagira epfo na ruguru nabo ni imbabare zikeneye gufashwa, bene abo bantu bakwiye guhabwa nabo imfashanyo bali kwa muganga.
Ministri yemeje ko izo mbabare zili kwa muganga zidafite umuntu uzitayeho, azakora uko ashoboye kugirango zifashwe.
Icyo kibazo azagishyikiriza Ministri w'Ubuvuzi bagisuzumire hamwe.

Mouvement Coopératif

8. Prezida wa koperative AMACO-GILISUKA yamenyesheje Ministri ko koperative ahagaraliye yohereje muli Ministeri factures none zikaba zitalishyurwa kandi hashize igihe kirekire.
Prezida w'iyo koperative yeretse Ministri relevé y'izo factures yohereje muli Ministeri.
Ministri yamusezeranije ko azasuzuma icyo kibazo yasanga factures zitunganye akaba yashobora kumwishyuliza ayo mafranga.

9. Chambre de commerce et d'industrie du Rwanda et cotisations.
Muli Chambre de commerce et d'industrie du Rwanda, umucuruzi atanga amafranga ya cotisation igihumbi (1.000 FRW) gusa naho koperative igatanga ibihumbi bitandatu (6.000 FRW) batitaye kureba uko ingana n'umutungo wayo, ibyo bikaba byatuma koperative zimwe z'ubucuruzi zisenyuka.
Ministri yavuze ko icyo kibazo kizasuzumwa bakareba uburyo koperative zitaryamirwa n'abacuruzi.

10. Koperative ADERICAM yagulishije amatafali n'umuntu witwa KARANGWA Onesphore muli 1972 ku mafranga y'umwenda.
Karangwa yaje kuva ku Kibuye ajya gukora i Kibungo. Koperative yandikiye uwo Karangwa muli 1974 imwishyuza, avuga ko ategereje ko Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho yakoreraga imuhemba akabona kwishyura ADERICAM. Prezida wa ADERICAM yandikiye Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho abaza ko Karangwa yaba yarabonye ayo mafranga none nta gisubizo arabona. Yabimenyesheje Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative. Koperative yasabye Ministri ko yabafasha gukulikirana icyo kibazo ikishyurwa amafranga yayo.
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasezeranyije Prezida w'iyo Koperative ko azakora uko ashoboye agasuzuma icyo kibazo akareba uburyo ayo mafranga yakwishyurwa, aliko amaze kubona ibimenyetso bigaragara.

./..

11. Amashyirahamwe y'ububaji n'ubwubatsi muli Kibuye abura ibikoresho cyane cyane imbaho n'ibiti bibazwa.
Uwali uhagaraliye Association des Entrepreneurs de Kibuye (Ishyirahamwe ry'Ubwubatsi) yamenyesheje Ministri ko imbaho bashobora gukoresha zifitwe na TRAFIPRO aliko ikazijyana i Kigali zinyuze ku Kibuye ikanga ko abo bakozi nabo bazigura.
Ministri yamusezeranyije ko azabaza Koperative TRAFIPRO ikajya ibagulisha izo mbaho aho kuzijyana i Kigali izibanyujijeho kandi bazikeneye.

12. Umuyobozi wa COMOCYA (Coopérative Minière-Or Cyangugu) witwa MUPAGASI Charles yamenyesheje Ministri ko umuryango ahagaraliye ucukura kandi ugacuruza zahabu. Aliko yamubwiye ko SOMIRWA ibahenda ku giciro cya zahabu ikabagulira nk'umuntu ucukura ali umwe kandi bo ali umulyango.
Yasabye Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative kubaliza uwo mulyango SOMIRWA ikajya iwugulira zahabu ku giciro cyiza kuko COMOCYA yahagalitse kugulisha zahabu ikaba iyibitse ali nyinshi kandi abakozi bayo bakaba badahembwa kuko nta mafranga ifite.
Icyatangaje Ministri ni uko uwo Mupagasi yavuze ko umulyango ayobora ali Koperative yemewe n'amategeko kandi itazwi muli Ministeri.
Ahubwo ni umulyango bita " Artisanat minier" wemerwa na Ministeri y'Umutungo w'Igihugu, Mini na Kariyeri kuko ali yo ishinzwe ibyerekeye amabuye y'agaciro.
Ministri yamubwiye ko azabanza agasuzuma neza niba uwo mulyango COMOCYA ali koperative koko, kuko itaramenyekana muli Ministeri ashinzwe.
Yasabye Mupagasi kuzandika asobanura uko COMOCYA iteye kugirango nibiba ngombwa Ministeri izayifashe.
Inspegiteri wa za koperative ku Kibuye yamenyesheje Ministri ko uwo mulyango atawuzi kuko ufite intebe yawo muli Cyangugu kandi ukaba atali koperative.

.../...

URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE
MULI PREFEGITURA YA BUTARE (10-11 MATA 1978)

---

Kuwa 10 na 11 Mata 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagendereye prefegitura ya Butare.
Amaze gusobanulira abali aho uko Ministeri ayobora iteye, yasabye buli wese kumugira inama zatuma ingorane ziboneka mu kazi zagabanuka.

Ba Militante na ba Milita bo muli prefegitura ya Butare bagejeje ibibazo n'ibyifuzo byabo kuli Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative.

<u>Mu mizamukire y'Abaturage</u>

1. Ikibazo cy'itandukana ly'umugabo n'umugore.
Umugabo asigaye yirukana umugore igihe ashakiye akarongora undi, ibyo bikaba byakwongera umubare w'abanyarwanda ku bulyo butazwi kandi umugore urengana agatinya kurega umugabo umwirukanye ahubwo nawe akishakira undi mugabo.
Abana bazavuka kuli abo bantu bombi barongorana ku bulyo butazwi bazamera bate ? Abo bagore nibasubiranamo n'abagabo babo bizagenda bite ko batazabona ubakiza ?
Uwatanze icyo kibazo yakomeje avuga ko ashaka kumenya igihe "Code de la famille" izasohokera kugira ngo ikemure nibura ibibazo bimwe na bimwe.
Ministri yashubije ko gushakana no gutandukana bijyana na"Code Familial" izasohoka mu minsi ili imbere. Ibyerekeye gutandukana kw'abashakanye bakongera bakabana n'abandi biterwa n'amakosa yacu twese ali abagabo ali abagore.
Ubundi umugore iyo abonye arengana ajya kurega kuko aba ababaye.
Mu gihe atareze rero icyo kibazo ntabwo ubutegetsi bushobora kukimenya.
N'urongora cyangwa urongorwa ku bulyo butazwi n'amategeko ni kimwe.
Umuti wa mbere w'icyo kibazo n'uko twese twakumva ibyo bintu ko atali byiza.
Dukwiye lero kubirwanya kuko alitwe abanyarwanda biturukaho tukilinda uwo muco ushaje, tugatekereza kandi tugakora dukulikije igihe tugezemo (changement de mentalité). Kugira ngo ubutegetsi bushobore kurengera umugore agomba kuba yararongowe ku bulyo buzwi n'amategeko kandi yarengana akabimenyesha ubutegetsi.

2. Muli Prefegitura ya Butare basabye ko habaho ishuli lisumbye ilyo ku Karubanda (Ecole Sociale).
Ministri yabamenyesheje ko icyo kibazo cyizwi. Abantu bigaho bagomba kugira ubumenyi bwisumbuye.
Icyo cyifuzo cyo gushyiraho ishuli lyisumbuye ly'imyaka itatu, Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagishyikilije Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu. Ilyo shuli ligomba kuzasumba ily'i Kansi n'ilyo ku Karubanda.

3. Nk'uko Ministri yali yavuze ko hakwiye kubaho ikigo cy'imfubyi muli prefegitura, bamumenyesheje ko icyali muli Butare i Buye cyafunzwe aliko ku mpamvu zitazwi.
Ministri yavuze ko ali ngombwa gukulikirana bakamenya impamvu cyafunzwe.

4. Ba Militante ba Butare basabye Ministri kubashakira ibikoresho, imashini zidoda n'ibindi kugirango bikorere atelier de couture. Bishyize hamwe aliko bakeneye guterwa inkunga bakabona ibikoresho.
Ministri yabasezeranije ko azakora uko ashoboye bagafashwa, bakabona ibyo bikoresho bakeneye.

5. Prefegitura ya Butare ikeneye abakozi mu bigo bitsura amajyambere bya segiteri : Mvenjuru, Gakoma na Ndora kuko bitagiko ra kubera kubura abakozi (Assistantes sociales de secteur).

Mouvement Coopératif

6. Koperative zikulirwaho imisoro imwe mu gihe cy'imyaka itanu ikulikira iyemerwa ryazo niko itegeko ligenga koperative livuga. Abanyamulyango ba za koperative basabye Ministri ko icyo gihe cyakwongerwa kuko ali gito kandi zigakulirwaho imisoro yose mu gihe giteganyijwe n'amategeko.
Ministri yashubije ko ikibazo cyerekeye imisoro ya koperative kizasuzumwa kugirango koperative zihabwe igihe gihagije cyo gushinga imizi.

7. Koperative zitaremerwa (pré-coopératives) kandi zicuruza zihura n'ingorane nyinshi mu masoko no mu gihe cy'isoresha. Bene iyo milyango barasaba ko Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yakwumvikana na Ministeri y'Imali n'Ubukungu ikajya ibona nibura licence y'ubucuruzi mu gihe itarabona Registre y'ubucuruzi kuko bitoroshye gucuruza nta licence cyangwa registre y'ubucuruzi ifite.
Ministri yabamenyesheje ko mu mushinga Ministeri ayobora ifite wo kuvugurura amategeko agenga koperative, hateganyijwe kuzasobanura neza ibyerekeye koperative zitaremerwa alizo précoopératives. Ubundi umuntu yagombaga kumenya igihe iyo milyango itaremerwa yatangilira kwitwa précoopératives kuko haliho abantu benshi bishyira hamwe nta n'icyo bakoze bakiyita koperative. Ministeri irateganya kuzashyiraho itegeko ligenga koperative n'ilindi ligenga iyo milyango itaremerwa (pré-coopératives).

./..

Kuwa 11 Mata 1978, Ministri yasuye ikigo bavuliramo ibibembe i Butare muli Komini Ngoma (Amis du Père Damien).
Icyo kigo cy'abagiraneza bavura ibibembe, cyakira abarwayi bo mu Karere ka Butare, Gikongoro na Gitarama.
Abarwaye ibibembe bavulirwa iwabo imuhira uretse abamerewe nabi cyane.
Kubera ko kenshi abakozi bo muli icyo kigo bakorera hanze mu baturage umuyobozi wacyo yasabye Ministri ko ba Assistantes sociales bahakora bajya bahabwa udufranga twiyongera ku mushahara basanganywe kuko baruha cyane kandi bakarenza amasaha asanzwe y'akazi ku buryo buli gihe baba bameze nk'abali mu butumwa (en mission). Ministri yavuze ko bashobora guhabwa amafranga y'inyongera (Indemnités forfaitaires).
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye inzu yaheze ikorerwamo na federasiyo ya mutualité y'i Butare ubu ili aho gusa ntacyo imara.
Amaze kuyireba kandi asanze ikwiye gukorerwamo, Ministri yavuze ko azagirana inama n'abahoze ali abakuru b'iyo Federasiyo Mutualiste kugira ngo basuzumire hamwe uko iyo nzu n'ibintu Federasiyo yali ifite bikwiye gukoreshwa.
Avuye aho yagiye gusura ikigo gitsura amajyambere n'ishuli ly'ababyeyi kuli Komini Mbazi.
Umwalimukazi w'icyo kigo yamenyesheje Ministri ko akeneye abandi balimukazi babili bo kumufasha kuko afite imilimo myinshi.
Kuli uwo munsi Ministri yasuye Koperative KONFIGI ikora confiture ikaba ili muli Komini Huye.
Yakomeje asura n'inzu ikorerwamo biscuits ili iruhande rwa KONFIGI.
Umukuru w'iyo Biscuiterie ali nawe washinze KONFIGI, Padri Stanislas yamenyesheje Ministri ko akeneye umukozi uzi ibyerekeye Koperative kugirango akore muli iyo nzu ya Biscuits.
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye ikigo gitsura amajyambere i Ngoma na Koperative y'abakobwa yitwa COFERWA ikorera mu nzu y'icyo kigo gitsura amajyambere.
Icyo kigo gifite inzu nini ihagije gikoreramo aliko ikeneye gusanwa.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA GIKONGORO (12-13 MATA 1978)

Inama yafunguwe na Militant Prefe wa Gikongoro, avuga mu magambo make uko ibikorwa byerekeye Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative biteye n'ingorane bihura nazo muli Gikongoro.
Nyuma y'ijambo lya prefe, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative Militant HABANABAKIZE Thomas, yasobanuliye abali mu nama uko Ministeri ashinzwe iteye, n'ibyo imaze kugeraho, kugirango abamuteze amatwi babonereho uko bamugira inama kugirango ashobore gutunganya neza akazi ashinzwe.
Nyuma y'ijambo lya Ministri, abali mu nama bahise babaza ibibazo, banatanga ibyifuzo byabo.

Mu byerekeye Imizamukire y'Abaturage

Ibibazo byibanze cyane, kuli programu y'ibigo bitsura amajyambere, ku bakozi b'amashuli y'ababyeyi yeguliwe za komini, kuli programu n'ibikoresho byo kwigisha gusoma no kwandika, no ku bibazo bikururwa n'ubwiyongere bw'abaturage. Hajemo n'ikibazo cya CHAR, yagulizaga abaturage mu buubatsi, ikaba yarakuweho ntisimburwa.

1. Ku byerekeye programu y'ibigo bitsura amajyambere idashobora kurangizwa mu mezi 18, Ministri yemereye abali mu nama ko ikibazo cyo kongera igihe cyo kwigira mu kigo gitsura amajyambere kizigwa, ko azatumira abashinzwe ibyo bigo bakakigira hamwe.
Haziyemo n'ikibazo cyo kubura ibikoresho, uburyo bwo gusura ibigo bili kure, abakozi b'abahungu bigisha abandi bahungu batangiye mu bigo bitsura amajyambere, abakozi b'abasosiyali babuze muli segiteri zimwe na zimwe.
Kuli icyo kibazo cy'ibikoresho, Ministri yavuze ko Ministeri igerageza gusaranganya ibyo ibonye mu bigo byose, ko komini nazo zali zikwiliye gukora uko zishoboye zigatera inkunga ibyo bigo.
Naho ibyo gusura ibigo bili kure, Ministeri yasabye UNICEF imodoka n'amapikipiki yo guha abakozi bashinzwe kuyobora ibyo bigo.
Ministri akaba akeka ko mu minsi ili imbere, icyo kibazo kizabonerwa umuti.
Ku byerekeye abasosiyali b'abahungu, Ministri yamenyesheje abali aho ko hali ishuli lyatangiye i Kansi liteye nk'ilya Karubanda (Butare) aliko lyo lyigisha abahungu. Ikibazo cy'ubuke bw'abakozi, Ministri yavuze ko ali ikibazo rusange mu gihugu cyose, ko bagerageza gushaka umuti wacyo bongera amashuli yigisha ibyerekeye imizamukire y'abaturage, banahugura abasanzwe kuli ako kazi.
Yaboneyeho abwira abali bateraniye aho ko hali umushinga wo gushyiraho ishuli lisumbye ilya Karubanda kuko kugeza ubu nta liri mu Rwanda. Abakozi nibaboneka lero, bazabashyira aho bakenewe hose.

./..

2. Ku bigo bitsura amajyambere, hali ikindi kibazo cyo kubona ibigo byose byirundiye mu gace kamwe, ahandi ntabiharangwa, ko ibyo biterwa kandi na bamwe mu bagiraneza bafasha Leta y'u Rwanda mu gutsura amajyambere y'abaturage bashinga ibyo bigo aho bishakiye, bagahitamo ahameze neza.
Kuli icyo kibazo, Ministri yavuze ko umugiraneza wese ushaka gufasha Komini iyi n'iyi, akwiye kubimenyesha abategetsi, akaba alibo bamuhitiramo aho bakeneye imfashanyo.

3. Haziyemo n'ikibazo cy'imyubakire y'ibigo bitsura amajyambere. Umwe mu bali muli iyo nama yavuze ko amazu y'ibyo bigo atajyanye n'ibikorwa byabyo, ko ibyiza ali uko babaha plan y'ibigo byose yakwigwa na Ministeri, ushatse wese kubaka ikigo akaba yakulikiza iyo plan.
Ministri yavuze ko icyo ali igitekerezo cyiza, ko Ministeri iziga uko izo plans zakorwa.
Uretse ibibazo byerekeye ibigo bitsura amajyambere habajijwe n'ibindi bireba amashuli y'ababyeyi (Centres nutritionnels). Ibyo bibazo byibanze cyane cyane ku mishahara y'abalimukazi b'ayo mashuli beguliwe komini ngo abe aliyo ibahemba. Ibyo bikaba byarateye ibibazo amakomini amwe ntiyashoboye kubahemba kubera ko akennye, ahandi naho ilyo tegeko ryabagezeho barangije gukora budget y'umwaka. Icyo kibazo kandi cyabyaye ikindi cyo kumenya aho amafrânga yinjira muli ayo mashuli yagana. Bamwe bakifuza ko yakwinjira mu isanduku ya komini, abandi bakavuga ko yaguma muli ayo mashuli, komini ikagenzura imikoreshereze yayo, kuko niba komini ifasha abo bakozi, igomba no kugira itegeko kuli ayo mashuli.
Abandi kandi bavugaga ko ayo mafranga yaguma muli ayo mashuli y'ababyeyi, akagira umugabane (%) atanga buli kwezi muli komini.
Ku kibazo cy'iyo mishahara haziyemo n'ikindi cy'amashuli alimo ababyeyi baturuka mu makomini menshi, bakaba bibaza niba komini igomba guhemba abo bakozi.
Kuli ibyo bibazo by'amashuli y'ababyeyi, Ministri yavuze ko ubwumvikane ali ngombwa mu bantu bose, burgmestri akwiye kumvikana n'abashinzwe ayo mashuli, akulikije umutungo wa komini ye agahemba abo ashoboye, abandi nabo bagahemba abasigaye. Ku mashuli yigishiliza amakomini menshi, ba burgmestri bakwiye kumvikana ubwabo, bakareba niba komini imwe yabahemba cyangwa niba bashobora kugabana. Ministri yashoje icyo kibazo avuga ko hazaba inama ihuza abakozi ba Ministeri bashinzwe amashuli y'ababyeyi, abayobozi n'abalimukazi b'ayo mashuli na ba burgmestri ba komini ayo mashuli alimo, bagakemura ibibazo byose bireba ayo mashuli.
Bazaboneraho no kwiga ikibazo cy'imikoreshereze y'ayo mafranga yinjira muli ayo mashuli aturutse ku babyeyi (cotisations).

./..

4. Ikindi kibazo cyigiwe muli iyo nama, ni icyerekeye ubulyo bushya bwo kwigisha gusoma no kwandika (alphabétisation fonctionnelle). Icyo gikorwa nta programme igaragara gifite, nta n'abakozi babihugukiweno bahali, n'infashanyigisho nta ziliho.

Kuli icyo kibazo, Ministri yamenyesheje abali mu nama ko programme ilimo gukorerwa muli Ministeri, n'agatabo k'infashanyigisho katangiwe kwandikwa. Naho ku kibazo cy'abakozi badahugukiwe n'ubwo bulyo bushya bwo kwigisha gusoma no kwandika, Ministeri irateganya ihugurwa lyabo.

5. Nyuma y'ikibazo cyerekeye ibyo kwigisha gusoma no kwandika, haje ikindi cy'ibibazo biboneka mu bashakanye (problèmes familiaux).

Ibyo bibazo binaze kuba byinshi cyane, biturutse cyane cyane kubabana batabimenyesheje abategetsi (mariagesillégaux). Ibyo bibazo bikaba bitabonerwa umuti kuko kugeza ubu nta tegeko ligenga ingo lyali lyasohoka (code familial), abategetsi ba za prefegitura bakaba bifuza ko ilyo tegeko lyakwihutirwa bakabona icyo bishingikilizaho mu gushaka imiti y'ibyo bibazo.

Ministri yashubije avuga ko twese twifuza ko ilyo tegeko lyarangira vuba, aliko kandi ko abalikora bahura n'ingorane nyinshi kuko kugira ngo umuco wacu wa kinyarwanda uhure n'itegeko bitoroshye.

6. Muli prefegitura ya Gikongoro, babajije ibibazo bireba imiti Ministri yavuze yo kugirango buli munyarwanda ashobore kubyara abo ashoboye kurera.

Iyo miti n'iyo y'iyi :

- Kwongera umutungo w'igihugu
- Gutura hamwe
- Kwimukira mu bihugu bidukikije
- Kubyara umubare w'abana ushoboye kurera.

Abali mu nama bavuze ko ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage kigomba kwihutirwa cyane : mu myaka 25 umubare w'abanyarwanda uzaba umaze kwikuba inshuro ebyili. Ni ngombwa rero ko Leta y'u Rwanda yabonera icyo cyibazo umuti nyawo kandi vuba. Bakifuza kumenya umuti Leta yaba yarahiseno.

Ministri yashubije ko umuti umwe ubwawo utihagije, tugomba gushakiliza hose, kwongera umutungo ni byo politiki y'igihugu igamije imbere, ibyo gutura hamwe byo birakomeye icyakora nabyo byaratangiye nko muli komini Gashora, prefegitura ya Kigali kandi birakomeza buhoro buhoro.

Ibyo kwimukira mu bihugu bidukikije nabyo byatangiye kwigwa, hali impuguke zagiye muli Tanzaniya kureba aho abanyarwanda bashobora kuzatura, bakiga n'ibya ngombwa byose kugira ngo ilyo yimuka libe.

Ibyo kubyara umubare w'abana bashoboye kurera, umushinga ubigenewe waratangiye hasigaye kumenya ubulyo nyabwo bwashobokera buli muturarwanda wese.

7. Hali kandi ikibazo cya CHAR yavuyeho ntisimburwe, Ministri yavuze ko baziga ukuntu ibikorwa bya CHAR byakomezwa n'ibiro bigenewe imyubakire n'imiturire y'abanyarwanda n'ibibakikije cyangwa se ukundi CHAR yasimburwa.

.../...

Mu byerekeye za Koperative

8. Habajijwe ikibazo cy'abajera ba za Koperative balya amafranga yazo, byagera mu bucamanza bagasanga umutungo wabo udashobora kwishyura ayo mafranga, bigaca intege abanyamulyango. Kuli ibyo, bakabaza niba nta kintu Ministeri yateganya kugirango ibe yatera inkunga izo koperative.
Ministri yashubije avuga ko Ministeri idafite amafranga ahagije yo kwishyulira abajura, ko bishobotse yaguliza izo koperative aliko atali ukwishyura ibyo jera yaliye.

9. Abanyamulyango ba za koperative bongeye kubaza ibyo gusonera za koperative cyane cyane kubyerekeye kwaka igitabo cy'ubucuruzi (registre de commerce) no gutanga imisoro (impôts sur revenus). Bamwe bavuga ko koperative zahawe gutanga iyo misoro bamaze imyaka itanu babonye icyo gitabo, aliko bikaba ntaho byanditse.
Ministri yabasezeranije kuziga ibyo bibazo.

10. Babajije nanone ibya ngombwa kugirango BAD (Bureau d'Aide au Développement) igulize koperative amafranga. Icya ngombwa ni uko yaba ali koperative yemewe kandi ikora neza bigaragara.

11. Bongeye kubaza iby'imanza za koperative zitinda mu nkiko, bikadindiza ibikorwa byazo, bakibaza niba hatabaho inkiko zihaliye za koperative, cyangwa se itegeko ligenga inkiko lituma imanza za koperative zicibwa mbere y'izindi zose.
Kuli icyo kibazo, Ministri yavuze ko abyumva ko izo manza zidindiza imikorere ya za koperative, ko azabivugana na mugenzi we ushinzwe ubucamanza.

12. Muli prefegitura ya Gikongoro, bongeye kubaza ikibazo cy'abakozi bake, ibikoresho bidahagije, no kubura uko bajya gusura za koperative. Kubyerekeye abakozi, turashaka guhugura ba encadreurs benshi, ku bulyo buli komini yamugira, naho ibikoresho, ni bike cyane. Ibikoresho bibonetse, ni ukubiha abakennye kurusha abandi. Ibyo gusura za koperative, ikibazo cyaragabanutse kuko ba Inspegiteri babonye amapikipiki, abungilije ba inspegiteri nabo bazayabona.

13. Hali abanyamulyango ba koperative bavuze ko batabona imilima yo guhingamo. Ministri yababwiye ko komini ishobora gutanga iyo milima ibonye ko izo koperative zigenda neza.
Icyakora umwe muli ba burgmestri yavuze ko hali abiyita koperative bamara kubona iyo milima bakayikodesha n'abaturage.
Ministri yaboneyeho avuga ko naza precoopératives zikwiye kugira amategeko azigenga, zikamenyekana.

14. Ikibazo cya Inspegiteri wa koperative mu Bunyambiliri wahagalitswe ntasimburwe, kizigirwa muli Ministeri.

./..

15. Muli Prefegitura ya Gikongoro, hali za koperative zitwa ko zemewe, aliko zaguye. Bakibaza impamvu izo koperative zikivugwa kandi zitagikora. Ministri yavuze ko izo koperative niba zikirwanyarwanya, umuntu yazirwaza, niba zaraguye koko zikakwa ubuzima gatozi.
Tuzagerageza kumenya izo koperative izo alizo.
Ubundi Inspegiteri wa za koperative agomba kumenyesha Ministeri bene izo koperative zitakiliho.
Ku italiki ya 13 Mata 1978, Ministri yasuye ibikorwa bitsura amajyambere bili i Kibeho ho muli Komini Mubuga. Ibyo bikorwa bishyigikiwe na Padri KAMUGISHA ni ibi:

1. <u>Précoopérative y'ubworozi</u>

   Iyo précoopérative ihuza abana bavuye muli CERAR, bafashwa n'abagiraneza b'Abataliyani, icyakora ntiratangira neza, amazu bazakoreramo ali hafi kwubakwa. Ubu bafite inka 4.

2. <u>Atelier social y'i Kibeho</u>

   Yatangiye muli Gashyantare 1977, ifite abakobwa 35 bavuye mu ishuli ly'ingoboka cyangwa mu bigo bitsura amajyambere. Baradoda, barafuma bakaba bafite umushinga wo kuboha.

3. <u>Ikigo gitsura amajyambere</u>

   Bahigishiliza kudoda, ubuhinzi n'ubworozi. Abategarugoli babasanga iwabo. Muli icyo kigo, bifuza kuba babona aho bashobora gutandika ibyakoreweyo, bigashobora kugurwa. Kubura ibikoresho cyane cyane ibyo guteka n'aho babikorera birabadindiza cyane.
   Bakaba bifuza lero ko ibilibwa bitangwa mu ishuli ly'ababyeyi byashobora no kugera mu bigo bitsura amajyambere.

4. <u>Ishuli ly'ababyeyi</u>

   Umwaka ushize wa 1977 halimo abana 1.372 banditse. Ababyeyi bahigira ibyerekeye imilire myiza n'isuku. Bahororera inkoko n'inkwavu. Bafite ikibazo cyo kubura imfashanyigisho.

5. <u>Koperative KUAMU</u>

   Ni koperative y'ubucuruzi igizwe n'abantu 10. Ifite umutungo w'amafranga 93.637 FRW. Ikodesha inzu ikoreramo. Ikibazo cy'iyo koperative ni ukubura amafranga yo gukoresha.

-=-:-=-=-:-=-=-

## MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE PREFEGITURA YA GISENYI (17-18 MATA 1978)

---

Ku italiki ya 17 n'iya 18 Mata 1978, Ministri yasuye prefegitura ya Gisenyi. Milita Prefe wa Gisenyi, Bwana NSHUNGUYINKA François yavuze ingorane imizamukire y'abaturage na za Koperative ihura nazo muli prefegitura ayobora. Iyambere n'uko ikigo gitsura amajyambere muli prefegitura kili kure ya prefegitura ku Nyundo, kandi amazu y'ishuli lili muli icyo kigo akaba ntacyo amaze kuko yasenyutse kandi nta n'ibikoresho bihali.

Mu byerekeye za koperative, ibibazo ni bimwe hose;

- Abakozi badahagije,
- Abanyamulyango bamwe n'abajera b'abahemu balya imali ya koperative.

Nyuma y'ijambo lya prefe, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yavuze mu magambo make uko Ministeri ye iteye, abona guha ijambo abali mu nama.

Mu magambo make, ibibazo byabajijwe n'ibyifuzo byatanzwe ni ibi bikulikira:

<u>Mu mizamukire y'Abaturage</u>

1. Abashinzwe ibigo bitsura amajyambere n'abo mu mashuli y'ababyeyi babajije ibyo kubura ibikoresho, n'ibyerekeye imishahara y'abalimukazi b'amashuli y'ababyeyi. Hali za Komini zikennye cyane zidashobora guhemba abakozi. Kuli icyo kibazo, Ministri yavuze ko aho kugira ngo [illegible] ayo mashuli agwe, Komini yakwandikira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ikabimenyesha Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo, anababwira ko icyo kibazo kizigwa mu nama igizwe na ba Burgmestri, abakuru b'amashuli n'ibiro bishinzwe amashuli y'ababyeyi bili muli Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative.

2. Umumilita wali mu nama yavuze ko igikorwa cyo kwigisha gusoma no kwandika gitangiye kugwa kuko nta bikoresho nta n'abakozi babijijukiweno. Ministri yavuze ko ibyo alibyo koko, ko muli Ministeri ye balimo kwiga umushinga wo kuvugurura icyo gikorwa bakagishakira n'ibikoresho ngombwa.

3. Mu mizamukire y'abaturage bongeye kubaza ibyerekeye ubwiyongere bw'abantu mu Rwanda. Babajije inzira banyuramo kugirango bimukire mu bihugu bidukikije. Ministri yavuze ko Leta yifuza ko bamwe mu baturage bayo bakwimukira mu bihugu bidukikije. Icyakora izabanza kubyumvikanaho n'ibyo bihugu, yige uko hameze.

Undi mu milita yabajije ibyerekeye umushinga wo gutuma abaturage babyara umubare w'abana bashoboye kurera, abaza niba bazahera kubabishaka. Ministri yamushubije avuga ko icya ngombwa ali ukubyumvisha abaturage bose, bakabona ko ali ngombwa, ntawe lero uzabihatirwa, uzabishaka niwe uzabikora.

.../...

Muli iyo préfegitura hali ababajije impamvu tutahera ku kwongera umusaruro nkuko mu bindi bihugu babigize.
Ministri yashubije ko ibibazo by'u Rwanda bidahuye n'iby'ibindi bihugu, tubonye uburyo bwo kwongera umusaruro, bikaba umuti nyawo w'icyo kibazo twabikora, aliko urebye ibindi bibazo, nk'ubuke bw'amasambu, usanga dukwiliye gukomatanya imiti yose.

4. Ikindi kibazo n'icyerekeye ibiro bishinzwe Imyubakire n'imiturire y'abanyarwanda n'ibibakikije. Babajije niba ibyo biro biguliza abantu. Ministri yababwiye ko ibyo biro nta mafranga bigira, bigenewe kugira abantu inama, no kwiga ibyerekeye iyo mitulire n'ibikikije abantu. Byagombye kugira uburyo bwo gufasha abantu, kugeza ubu nta mafranga, tuziga uko ibyo biro byashobora gutera inkunga abantu mu gutura neza kandi heza.

<u>Ibyifuzo byatanzwe muli prefegitura ya Gisenyi</u>

<u>Mu Mizamukire y'Abaturage</u>

- Guha umuyobozi w'ikigo gitsura amajyambere muli prefegitura imodoka no gushyira téléphone muli icyo kigo.
- Gusana amazu y'ishuli ry'abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere bili muli icyo kigo ku Nyundo.
- Kwongera abakozi bo mu kigo gitsura amajyambere cyo muli prefegitura no muli segiteri Kora na Kingogo.
- Gushinga ikigo gitsura amajyambere muli suprefegitura ya Kabaya
- Kuvugurura programu y'inyigisho no guhugura abakozi b'ibigo bitsura amajyambere kugirango abagabo n'abasore nabo bashobore guhugulirwamo.
- Gushyira umusosiyali mu kigo cy'imfubyi cyo ku Nyundo.

<u>Mouvement Coopératif</u>

1. Koperative zihura n'ibibazo byinshi bishingiye cyane cyane ku misoro zitanga, kugura registre de commerce, amafranga yo kugirango zandikwe mu Igazeti ya Leta (8.000 frs), kubura amafranga y'intangiliro, kubura ingwate mu gihe bagujije amafranga, abayobozi n'abajera b'amakoperative batabijijukiwemo. Kuli ibyo bibazo, Ministri yavuze ko balimo gusubiramo itegeko lyo kuwa 22 Ugushyingo 1966 ligenga za koperative, bakareba akarusho baha iyo milyango, ilyo tegeko lishya lizigwa mu nama ya Leta. Kubyerekeye ya mafranga 8.000 yo kwandikwa mu gazeti ya Leta, Ministri yabasezeranije kubabaliza icyo kibazo mu nzego zibishinzwe bakareba ukuntu ayo mafranga yagabanuka cyangwa se akavaho ku makoperative, kimwe n'ibyerekeye registre de commerce no kuzasaba Ministeri ibishinzwe ikareba uko yazorohereza.

Ikibazo cya za koperative zigitangira, byali ngombwa kuzifasha, aliko amafranga ni make hagulizwa nkeya. Icyakora izindi zishobora kuguza ahandi nko mu ma banki. Hali umushinga wo gushyiraho "Fonds spécial de garantie" yakwishingira za koperative n'ibindi bikorwa bya kijyambere bigujije amafranga.

Ikibazo cy'abajera n'abayobozi ba za koperative batajijutse, Ministeri ifite imigambi yo kubahugura mu minsi itaha, hasigaye kumenya aho bazahugulirwa, amafranga yo yarabonetse.

2. Za koperative zimwe na zimwe zireba inyungu zikibagirwa kurera abanyamuryango.
Ibyo biterwa ahanini n' uku abashinzwe za koperative baba badahugukiwe mu byerekeye iyo milyango. Ministeri iteganya kuzabahugura ihereye ku nama y'ubutegetsi, igahugura na ba encadreurs ba za koperative.

3. Hatanzwe ikifuzo cyo gushyira inyigisho zerekeye koperative mu mashuli abanza kugirango abana bakurane igitekerezo cy'ubufatanye. Ministri yasanze icyo gitekerezo ali cyiza. Azabigeza kuli mugenzi we ushinzwe uburezi bw'igihugu.

4. Babajije icyagushije za Mutualités.
Ministri yavuze ko kugeza ubu ataramenya icyazigushije, ko mu minsi mike yifuza kuzatumira abahagaraliye iyo milyango, bakarebera hamwe icyazigushije, bakiga n'uko bazizamura.

5. Koperative KODACOMU, yagulijwe amafranga, batangira kuyishyura, abanyamulyango bamwe babonye ntacyo bibamaliye guhora bishyura, bavamo, abasigaye bishyura umugabane wabo, none ngo barabishyuza n'umugabane w'abavuyemo.
Ministri na Prefe bavuze ko ikibazo cya KODACOMU gisanzwe kizwi, intumwa za Ministeri zagiyeyo kenshi, ibyiza ni uko abanyamuryango bakora inama ubwabo, umwanzuro ukazaturuka kuli iyo nama.

7. Précoopérative y'abahinzi b'icyayi bo muli Pfunda bavuze ko kuva Umuryango washingwa batashoboye kumenya umutungo wabo, n'ibikorerwamo ntibabizi.
Twasanze icyo kibazo prefe akizi, kandi yakigejeje kubabishinzwe nabo bakaba baremeye kumenyesha abanyamulyango umubare w'amafranga yabo. Abanyamulyango ba précoopérative ya Pfunda babajije ibyerekeye statut zabo boherejе basaba ubuzima gatozi,kuko kubura izo statut bituma badashobora kumenya umulyango wabo.
Ministri yabemereye ko bazareba aho zigeze, ababishinzwe bakabasura bakareba uko umulyango wabo wifashe bakabona kubaha ubuzimagatozi. Bongeye kubaza ibyo umulima wabo bahingagamo imboga ukwubakwamo Kiliziya y'ababaptiste muli Mutarama 1971.
Prefe yabemereye koicyo kibazo azagikulikirana.

8. Koperative Abizihiwe ya Komini Kanama, ibumba amatafali n'amategura. Yasenyewe n'indi y'icyayi baburanye bategekwa kwongera kububakira n'ubu ntibarabikora. Bafite kandi ikibazo cyo kubura imodoka yo gutunda inkwi.
Milita prefe yemereye abanyamuryango ba Koperative Abizihiwe, ko azibutsa ab'iyo koperative y'icyayi kububakira, batabikora akabashakira izindi nzira babinyuzamo. Kuli icyo kibazo cya kabiri, Ministri yababwiye ko bazandikira Ministeri bayiguza amafranga igasuzuma ibaruwa yabo.

../..

9. Précoopérative KAKIKA ya Komini NYAMYUMBA,yahinze ibisheke,ngo ubutegetsi bubyegulira umuturage.Bourgmestri wa Komini Nyamyumba yaje gusobanura ko uwo mulyango wahinze no mu mulima w'uwo muturage,sous-prefe na bourgmestre nibo bagiye kubakiranura,babagabanya ibyo bisheke.

10.Koperative Nkora yaraguye,aliko kandi yali ifitiye akamaro kanini abaturage, nta mwanzuro urafatwa ali ukuyizura cyanga kuyikuraho. Umuyobozi mukuru wa za koperative yavuze ko abakozi ba Ministeri babishinzwe bajyanyeyo n'aba OCIR aliyo yashyizeho ba Jera bayo. Ikibazo cyayo kiracyasuzumwa, umwanzuro n'ufatwa bazabimenyeshwa.

11.Prekoperative y'aborozi ba segiteri Karambo, baragiye inka mu ishyamba rya Leta,bacibwa amafranga,birababababaza bali bazi ko Leta ishyigikiye za Koperative.
Bashubijwe ko iryo shyamba Leta ilikeneye kandi naryo ligomba kwororwa, kandi ubworozi bwo mu ishyamba ntacyo bumalira nyilinka, nta mata, nta nyama...icya ngombwa ni ukumenyesha prefe umubare w'inka zabo, akabashakira aho bazororera.

12.Koperative KOKORU, bavuze ko nta mafi yo kworora bafite, nta muhanda ubegereye, bakeneye n'amafranga.
Ku kibazo cya mbere, milita agronome yabashubije ko bakoze pépinières z'amafi muli Satinskyi bakwihangana agakura.
Ku cyakabiri, Ministri yamenyesheje abali mu nama ko mbere ya byose koperative igomba kureba ko niba aho igiye kubaka hali umuhanda,naho abo rero, bazabwire bourgmestre arebe niba bishoboka ko uwo muhanda wakorwa nko mu muganda.
Ibyo kuguza amafranga, Ministri yababwiye aho koperative zishobora kuguza :
- mu isanduku yo gutsura amajyambere muli komini ili muli Ministeri y'ubutegetsi bw'igihugu. Aho, n'ukubimenyesha bourgmestri akabaaliwe ubyishingira.
- Banki z'abaturage
- Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za koperative (BAD) no mu yandi ma Banki.

13.Koperative ABASHYIRAHAMWE, bafite ikibazo cyo kubura ibikoresho: amapiki, imitalimba n'inyundo.
Ministri yavuze ko byaba byiza za Koperative zikomeye zafasha izoroheje, nka TRAFIPRO ikaba yakwegereza izindi koperative ibintu zikeneye.
Icyo kibazo kizigwa.

<u>Ibyifuzo byatanzwe muli prefegitura ya Gisenyi ku byerekeye Mouvement Coopératif.</u>

- Kwongera ba encadreurs ba za koperative
- Guhugura ba jera n'abagenzuzi b'imali
- Gufasha za koperative baziguliza amafranga
- Kwongera za koperative z'ubworozi
- Gutoranya ba Jera mu banyamuryango ba koperative
- Gusura (abategetsi) kenshi ibikorwa bya kijyambere mu giturage
- Gushakira abanyamuryango udutabo twa Mouvement Coopératif.

Ku italiki ya 18 mata 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye ibikorwa bya kijyambere muli Komini Rubavu na Nyamyumba. Yasuye : - Koperative COCAGI, muli Komini Rubavu ku Nyundo. Iyo koperative ihinga kana igakuramo ifu bakoresha mu bilibwa no mu gukora imiti imwe n'imwe. Iyo koperative ifite abanyamulyango 50, igakoresha abakobwa 15. Ifite ibibazo byo kubura abagura ayo mafu, imashini bakoresha, n'abakozi nka agronome, umusosiyali wo gucengeza mu baturage akamaro k'icyo gihingwa. Bakeneye n'umusimbura w'umubikira (Soeur Landrada) w'umuzungu uhali.

- Umushinga wa Maisons Familiales Rurales muli Komini Nyamyumba. Uwo mushinga uhugura abaturage ubigisha guhinga kijyambere, inyuga n'ubundi bukolikori. Hali abalimu baturutse mu baturage baza kwigira muli Centres icyumweru kimwe mu kwezi, ubundi bakajya kwigisha ab'iwabo ibyo bize. Bamaze kwigisha abalimu 50 baturutse mu masegiteri atatu. Ababyeyi bafite uruhare runini muli uwo mushinga. Baratekereza gukwiza uwo mushinga mu makomini yose ya Gisenyi.

- Prekoperative y'icyayi ya Pfunda. Ifite abanyamulyango 560, yatangiye muli Gashyantare 1974. Ifite jera yahawe na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Ifite hegitari z'icyayi 209.

- Ikigo cy'imfubyi cyo ku Nyundo. Icyo Kigo kirera imfubyi 47 zicumbikiwe na 43 zitaha mu mulyango. Bafata umukobwa wo mu mulyango w'umwana akaza kuhigira kumurera akanabimenyera nyuma y'amezi 3-4, akamutahana. Bakeneye umusosiyali kugirango ajye akulikirana abana batashye mu milyango yabo.

- Koperative DUFATANYE, yashinzwe n'abo mu mulyango w'izo mfubyi. Barahinga, bakorora, bakanacuruza.

- Ikigo gitsura amajyambere n'ishuli by'ababyeyi byo ku Nyundo.

---

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye Prefegitura ya Ruhengeri mu mataliki ya 19 na 20 mata 1978.

Ibibazo, byabajijwe n'ibyifuzo byatanzwe muli Prefegitura ya Ruhengeri ni ibi :

Mu mizamukire y'abaturage:

1) Ibyinshi n'ibyagiye bibazwa no mu yandi maprefegitura yasuye mbere :

- ubumenyi buke bw'abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere n'amashuli y'ababyeyi
- igikorwa cyo kwigisha gusoma no kwandika gisa n'icyaguye, kandi n'abakibikorano babura ibikoresho
- programme y'ibigo bitsura amajyambere itajyanye n'igihe tugezemo
- kubura ibikoresho n'imfashanyigisho mu bigo bitsura amajyambere
- abakozi badahagije mu bigo bitsura amajyambere (Assistantes sociales)
- ikibazo cy'ubwiyongere bw'abantu
- ihemba ly'abakozi b'amashuli y'ababyeyi

2) Ibibazo byihaliwe na prefegitura ya Ruhengeri, n'ibyerekeye abahuguliwe mu ishuli lijijurira amashuli y'ababyeyi lyo mu Ruhengeri (CFNR) boherezwa na za Ministeri, baharangiza ntibabone uko bakoresha ubumenyi bahavanye. Ibyo biterwa ni uko za Ministeri zitashoboye kwumva bihagije akamaro k'ilyo shuli. Ministri yemeje ko azakora uko ashoboye kugirango Ministeri ziyumvishe akamaro ko kugira impuguke mu milire myiza.

3. Ikindi cyerekeye na none amashuli y'ababyeyi, umumilita yabajije impamvu higira abarwaje bwaki kandi n'abatarwaje bakeneye kumenya kulinda abana babo iyo ndwara. Ministri yamushubije ko ayo mashuli akili make, ko abatarwaje bashobora no kwigira mu bigo bitsura amajyambere kandi ko hali umushinga wo gushyira ikigo muli buli komini, umuntu wese azashobora kwihuguliramo muli byose.

4. Hali n'ikibazo cyo kubura ibigo by'imfubyi bihagije, mu Ruhengeri hali icyo i Rwaza gusa, kandi nabo ntawe bacumbikira n'ukubafashiliza mu mulyango, ikibazo kikaba ku bana bataralya kuko nta mata i Rwaza bafite. Ministri yashubije ko Ministeri ye ifasha ibigo by'imfubyi ikulikije ibyo ifite, avuga ko ibyo bigo bigomba kurera abana ku bulyo bazabasha kwirwanaho kera.

5. Ikibazo cy'ibigo bitsura amajyambere bidashyigikiwe n'abategetsi ba Komini. Ibyo bigaterwa nuko nta kintu kigaragara kiva muli ibyo bigo. Aliko kandi ba bourgmestri ntibagombye kwirengagiza akamaro k'ibyo bigo mu kujijura abaturage, ahubwo babyitaho kurushaho, bakabimenyesha n'abandi.

Ibyifuzo byatanzwe mu byerekeye imizamukire y'abaturage muli prefegitura ya Ruhengeri

- Kwiga vuba umushinga wakozwe na Komisiyo ya prefegitura ishinzwe gutsura amajyambere witwa "Restructuration des foyers sociaux en Centres Sociaux de Développement en préfecture de Ruhengeri".
- Gukora programu yo kwigisha gusoma no kwandika n'udutabo mfasha-Nyigisho.

.../...

Mouvement coopératif

1. Ibibazo rusange biboneka mu milyango y'ubufatanye (koperative na prekoperative) ni ibyerekeye :
- Ubuhemu bw'abayobozi n'abajera bamwe, balya imali y'umulyango
- abakozi bake batanga amabwiliza mu makoperative
- Koperative z'aborozi b'amafi zibura imbuto, aho Ministri yabemereye kubigeza kuli Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi kugirango abe yareba niba bishoboka kwongera za centres de diffusion z'amafi.
- za koperative zigengwa na Ministeri nyinshi.

2) Ibibazo byihaliye byo muli prefegitura ya Ruhengeri mu byerekeye za koperative

- Koperative KOJIRU - umwe mu banyamulyango bayo yavuze ko iyo koperative idashobora kugenda neza abanyamulyango batamenye aho imali bashyize mu milyango bali bashinze mbere y'iyo koperative yahereye.
Iyo milyango ni iyi:
- ANCR (Association Nationale des commerçants rwandais)
- ASCORU (Association des Commerçants de Ruhengeri)
- CIPRA (Commercialisation et Industrialisation des Produits Agricoles)
Iyo milyango yatangiye muli 1963.
KOJIRU yo ni koperative ifasha kuvana imbaho mu nturusu, yatangiye muli 1970. Mu minsi ya mbere irahomba ubu nabwo ifite ibibazo byinshi biturutse ku mafranga y'abanyamulyango batazi.
Ministri yabashubije ko, ikibazo cy'iyo milyango kizitabwaho kikigwa, icyayidindije kikamenyekana, umwanzuro ukagezwa ku banyamulyango.

3) Prekoperative COCOBU

Iyo koperative yatanze statuts zayo muli 1977 isaba ubuzima gatozi,nanubu nta gisubizo. Ministri yashubije ko icyo kibazo bagiha Inspegiteri wa za koperative muli prefegitura, aliko ubundi bagomba kwiyumvisha ko kubona ubuzima gatozi bishobora gutinda kuko Ministeri idashobora kubutanga itabonye uko iyo koperative ikora.

4) Koperative COMUNKURU (Coopérative multifonctionnelle de Ruhengeri) igizwe na prekoperative 28 ikaba ishaka isambu yo kwororerwamo muli Komini Kinigi. Prefe yavuze ko iyo sambu bayirwanira ali benshi, hali abashaka kuhahinga na Komini ishaka kuhakodesha ngo ibone uko yongera umutungo wayo. Agronome wa prefegitura yavuze ko azandikira Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi akaba aliwe uvuga icyo aho hantu hazakorerwa.

Ibyifuzo byatanzwe mu byerekeye Mouvement Coopératif muli prefegitura ya Ruhengeri

- Gushyira muli Ministeri Fonds de garantie y'umutungo wa za koperative yashobora kwishyura imali ya koperative mu gihe yaliwe, byaba ngombwa za koperative zigatanga umugabane muli iyo fonds.
- Gushaka uwajya aburanira za koperative (avocats) no gushyiraho itegeko lihana bikomeye uwibye koperative bitali ukumufunga kuko ntacyo byungura ku mali y'umulyango.
- Gukora agatabo gahugura abanyamulyango (revue des coopératives)
- Kureba uko za koperative zikora bimwe, zakwibumbira hamwe zigakora ishyirahamwe.

N.B. Hali ibindi bibazo byabajijwe aliko bitareba Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za koperative:
- Hali bamwe mu basenyewe n'umuhanda Ruhengeri-Gisenyi, batashoboye kulihwa. Ministri yabemereye ko azabigeza ku babishinzwe.

Ku italiki ya 20 Mata 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za koperative yasuye imishinga ya kijyambere muli prefegitura ya Ruhengeri.

1- ASPY (Association des Planteurs de Pyrèthre): muli iyo koperative yasuye aho bakura nyiramugengeri (tourbe) mu gishanga cya KIGUHU muli komini Nkumba, Ruhondo na Kigombe. Icyo gishanga gifite hegitari mirongo itanu (50 ha). Nyiramugengeri bayikoresha mu kumisha indabo z'ibireti (pyrèthre). Barateganya kuzakura muli 1978-1979, toni 7.200 za Nyiramugengeri.

2) Prekoperative y'aborozi ba komini Kinigi (KOYOKI)
Ifite abanyamulyango mirongo itanu. Buli wese yagiye azana inka imwe zirororoka, ubu zigeze kuli 78. Bafite urwuli rwa hegitari mirongo ilindwi n'eshanu(75 ha).

3) Koperative y'abarobyi ba komini Ruhondo (COPERURWA)

Iyo koperative yatangiwe muw'1960 n'abarobyi 25. Yashyizweho na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Yabonye ubuzima gatozi muw'1976. Ifite abanyamulyango 222. Baroba toni mirongo ine (40T).mu mwaka. Ingorane bahura nazo n'ukubura ibikoresho, no kwibwa amafi yageze mu mitego. Kugirango bongere umutungo wa Koperative, bafite utundi dukorwa two kuruhande, nk'ubuhinzi (kawa, soya, ibijumba), ubworozi (ingurube) n'ubucuruzi.

4) Ishuli lyigisha abana batashoboye gukulikira amashuli abanza liri i Rwaza
Ilyo shuli lyigisha abo bana gusoma no kwandika, imibare, iyobokamana, umuco w'igihugu, amatwara y'igihugu mu nzira y'amajyambere... mu myaka ine limaze kugira abana 5.600 mu bibeho byose bya Paruwasi.
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za koperative yasezeranyije abayobozi b'ilyo shuli ko azohereza umuntu wo muli Ministeri ye kugirango yige neza icyo gikorwa, kiba icyabera intango-rugero ibindi bikorwa nk'ibyo bili mu gihugu.

5) Ikigo gitsura amajyambere cy'i Rwaza
Gifite abakobwa bakigamo 140, n'abagore 8
Bahigira kudoda, gutaka, ubuhinzi n'ubworozi... Gifashwa na Paruwasi ya Rwaza.

6) Ishuli ly'ababyeyi ly'i Rwaza
Lyigirwamo n'ababyeyi 800 buli kwezi.
Uretse kwigisha ababyeyi kugabulira abana neza, bafite n'igikorwa cyo kworora: bafite inkoko zigeze ku ijana, inka, ibishuhe, ingurube n'imbeba.
Icyo gikorwa cyo kworora bagerageza kugikwirakwiza mu baturage.

7. Ishuli ly'ababyeyi lyo mu Ruhengeri
Lyanditsweho abana 2.228. Bigisha ababyeyi kugabulira abana babo neza, kugirango babalinde indwara ziterwa no kulya nabi.
Bafite ubusitani bulimo imboga z'amoko yose n'imbuto. Borora inkwavu, inka, inkoko, ingurube, intama n'ihene. Ibyo bakoresha mu kwigisha ababyeyi (guteka) ibyinshi bituruka mu busitani bwabo no mu bworozi. Basura n'abaturage ku misozi kugirango barusheho kumenya ibibazo byabo bamenye niba ibyo bigiye ku ishuli babikora no mu rugo.

-------------------

URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE
MULI PREFEGITURA YA GITARAMA (24-25 mata 1978)

Ku italiki ya 24 n'iya 25 mata mu w'1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yabonanye n'aba militante na ba militant bakora muli prefegitura ya Gitarama kugirango bungurane ibitekerezo mu byerekeye akazi ashinzwe.
Mu magambo make, Milita KABERA James, prefe wa Gitarama amaze gufungura inama, na Milita Ministri amaze kumenyesha abali mu nama ibikorwa bya Ministeri ashinzwe, hatanzwe ibibazo n'ibyifuzo.

1- <u>Mu byerekeye Imizamukire y'Abaturage</u>
- Ibibazo byabajijwe muli prefegitura ya Gitarama byabonetse no mu yandi ma prefegitura yasuwe :
  - kubura ibikoresho n'imfashanyigisho
  - kubura programu nyakuli y'ibigo bitsura amajyambere kuko bagikoresha iya fuwaye
  - imishahara y'abalimukazi b'amashuli y'ababyeyi
  - gusimbura CHAR yavuyeho yarafashaga abaturage mu bwubatsi
  - gushakira abashinzwe ibigo bitsura amajyambere uburyo bwo gusura abo bashinzwe (moyens de déplacement)
  - gushakira igikorwa cyo kwigisha gusoma no kwandika programu ihamye
  - ubufatanye bw'ibigo bitsura amajyambere n'amashuli y'ababyeyi.

2- <u>Ibibazo byihaliye bya prefegitura ya Gitarama</u>
- Abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere mu rwego rwa Komini ntibagira ubakota iyo nta mwalimukazi uhali mu rwego rwa segiteri.
  Muli Komini hali responsable w'abandi balimukazi, aliko ashobora gutorwa kuko ali mukuru mu myaka akaba aliwe ushinzwe kugeza ku bategetsi ibibazo bya bagenzi be, ku byerekeye akazi ntacyo abarebaho, bakibaza niba uwo mwalimukazi ashobora gukota.
  Ministri yabashubije ko niba uwonguwo yemewe n'amategeko ashobora gukota.
  Abandi barabyanga bashyira ikibazo mu nama izakorwa na Ministeri n'abayobozi b'ibigo bitsura amajyambere mu rwego rwa prefegitura.

3- Ikibazo cyo gufasha abakene kirakomeye kuko amafranga adahagije. Ministri yavuze ko ayo mafranga adahagije koko. Ministeri ibona amafranga 700.000 mu gihembwe yo kugabanya prefegitura icumi, icyo kibazo kizitabwaho, kigwe neza, barebe n'abakwiliye gufashwa koko.

4- Gushyira muli prefegitura ya Gitarama umukozi ushinzwe ibibazo by' abantu bidahuye bikulikije ubulyo bwabo bwo kubaho budashuye, (Services sociaux spécialisés) no gukora programu y'ako kazi.

../..

Ministri yavuze ko icyo kibazo Ministeri igitekereza, kandi ko programu z'icyo gikorwa zilimo kwigwa dukulikije aho ibyo bibazo bikunda kuboneka (ibitaro, gereza, n'ahandi ...)

5. Ikibazo cyo kwilinda kubyara indahekana.

Babajije niba hali ubulyo bwo kubigeraho bwali bwemerwa na Leta, kandi hali abantu benshi basaba muganga kubafasha kudakulikiza abana bato. Ministri yashubije ko nta bulyo Leta Iremera kugeza ubu, aliko ko hali ubulyo bwinshi bukigwa.

Ibyifuzo byatanzwe mu byerekeye Imizamukire y'Abaturage

- Kugenzura imikoreshereze y'ibikoresho by'ibigo bitsura amajyambere ho guteganya isanwa lya byo.
- Guha ibigo by'ubuvuzi (centres de santé) by'i Gitarama abasosiyali
- Guha abakozi segiteri sosiyali z'i Gitarama. Kugeza ubu hali umwe gusa.
- Guha amashuli y'ababyeyi programu yuzuye kuko kugeza ubu bigisha ibyerekeye imililire myiza n'isuku kandi hali n'ibibazo byinshi bituruka mu ngo.
- Gushaka umukozi wahuza imishinga ya kijyambere ili muli Gitarama igenewe guhugura abaturage cyane urubyiruko, iyo mishinga aliyo CARA yo muli Komini Nyakabanda, CRAFAG yo muli Université Radiophonique y'i Gitarama na za CERAR. Uwo muntu yaba ashinzwe kureba ibyerekeye inyigisho muli ibyo bigo: ubulyo bwo kwigisha n'ibihigishilizwa.
- Ikibazo cyo gutura hamwe. Aho kugirango bimure abantu babajyana ku mihanda, byaba byiza begereje abantu imihanda aho batuye. Ubwo haza n'ikibazo cyo guhugura abantu bo gupima iyo mihanda no kuyikoresha.

Mouvement coopératif

1. Hali Koperative COPAEGI (précoopérative) yadindijwe n'umukozi wa Leta (Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative) witwa SERUVUMBA Gérard kuko yanyereje imali y'uwo mulyango.
Basabye Ministri gusuzumana umwete icyo kibazo kuko kimaze igihe kirekire arabibemerera.

2. Abali bahagaraliye za koperative bagejeje kuli Ministri icyifuzo cyabo cy'ihugurwa ly'abanyamulyango n'abakozi ba Koperative.
Ministri yabamenyesheje ko muli uyu mwaka hateganijwe ihugurwa ly'abanyamulyango bahereye ku bagize inama y'ubutegetsi, amafranga yaboneka hagahugurwa na ba [illegible] jérants (cyangwa Directeurs) ba Koperative ndetse n'abagenzuzi b'imali.
Koperative nayo yakora uko ishoboye igahugura abandi banyamulyango kuko kujijura abanyamulyango ali kimwe mu ntego za Koperative.

3. Abantu benshi basabye ko habaho agatabo kavuga ibyerekeye Koperative kagashobora kugurwa cyangwa kagatangirwa ubuntu.

4. Inspegiteri wa za Koperative muli Gitarama yasabye Ministri ko abakozi bashinzwe kureba ingorane muli za Koperative (service du contentieux) bagera muli Gitarama bagasuzuma ibibazo byo muli za Koperative: COPAEGI, COMMIMAR, na COBOURWA.

5. Inspegiteri wa za Koperative yongeye gusaba Ministri kumubonera umukozi bafatanya ushinzwe kandi uzi ibyerekeye kujijura mu bya Koperative (Formation coopérative)

Yavuze ko niba Ministeri itabona uwo mukozi ku bulyo bworoshye, we ashobora gutanga umukandida akajya kubyigira cyangwa kubihugulirwamo i Murambi. Yavugaga ko ibyo biterwa ni uko muli Gitarama hali imishinga myinshi ikeneye umukozi nk'uwo nka CARA, CRAFAG na CERAR.
Ministri yamushubije ko azareba neza niba uwo mukozi akenewe koko n'igihembo ashobora kuzahabwa.

6. Ba militante na ba Milita ba Gitarama bagejeje kuli Ministri icyifuzo cyo guteganya kwifashisha Koperative zikoneye hagashyirwaho isanduku igoboka Koperative mu gihe zigiye kugwa (Caisse de solidarité pour les coopératives) Ministri yabasezeranije ko icyo kibazo kizigwa kigashakirwa igisubizo. Ibyo byose bizaterwa n'ubushake bwa za Koperative.

Ku italiki ya 25 mata 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye umushinga wo guhugura abaturage muli Komini Nyakabanda. Uwo mushinga ufashwe n'abapadiri babili : Sylvain Bourguet na Michel Donnet. Abo bapadiri bashinze ikigo gitsura amajyambere kigamije kujijura abanyarwanda b'ibitsina byombi, abagore, abakobwa, abagabo n'abasore. Bahatangira inyigisho zo mu mutwe n'iz'ibikorwa by'amaboko.
Ubulyo uwo mushinga ukoresha, ushingiye mu gufata abantu bake batowe na bagenzi babo, akaba alibo bahugulirwa mu kigo, nyuma bakajya kugeza kuli bagenzi babo icyo bize.
Intego y'uwo mushinga n'ukwongera umutungo w'abaturage kugirango babashe kubaho neza bakulikije uko biyongera n'amasambu agabanuka. Inyigisho rero zishingiye k'ubuhinzi n'ubworozi, kurwanya isuli, n'imyuga.
Bafashe ingo 2.578 zili muli Nyakabanda, bazigabanyamo amakipe 258, buli kipe igizwe n'abantu 10 igatora shefu wayo akaba aliwe ujya guhugurwa yavayo agahugura babandi 9.
Abashefu b'amakipe y'abagore n'abakobwa bahugulirwa mu kigo gitsura amajyambere kili hafi yabo.

Uwo mushinga umaze kubageza ku bigo bitsura amajyambere bilindwi, Koperative y'ubucuruzi yitwa COCONYA, imilyango y'ubufatanye itanu y'ubwubatsi, ikigega cy'imyaka n'urusyo rwa soya n'amasaka.
Leta ilimo kwiga ukuntu ubwo bulyo bwa CARA bwakwizwa mu Rwanda hose.

Amaze gusura uwo mushinga, Ministri yasuye pré-coopérative COCONYA (coopérative de consommation de Nyakabanda), ishyirahamwe lishyikiliza abaturage b'iyo Komini ibyo bakeneye ku giciro cyiza.

Yakomeje asura ikigega bahunikamo imyaka muli iyo komini.

Ministri yasuye n'ishuli ly'ababyeyi n'ikigo gitsura amajyambere bya Komini Nyakabanda.

-----------

.../...

## URUGENDO RWA MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA KIBUNGO

Introduction

Ku wa 26 na 27 mata 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagendereye prefegitura ya Kibungo.

Yakiliwe na Sous-Préfet uhagaraliye Préfet wa prefegitura ya Kibungo na ba Militante na ba Milita benshi bali baje mu nama.

Inama itangiye, sous-préfet uhagaraliye préfet wa prefegitura, Milita MUNYAMPUNDU yamenyesheje abali aho uko Imizamukire y'Abaturage na Koperative biteye muli prefegitura ya Kibungo.

Mu byerekeye Imizamukire y'Abaturage, sous-préfet yavuze ko muli Kibungo bahura n'ingorane zo kutagira ibikoresho bihagije, abakozi bake, no kuba badafite programu igaragara y'ibigo bitsura amajyambere bigamije kujijura abantu b'ibitsina byombi.

Naho mu gice cya za Koperative, muli Kibungo hali ingorane z'ihugurwa ly'abanyamulyango kuko bafite ubushobozi buke bwo gucunga imali yabo, ubumenyi buke bwa ba jera ba koperative, koperative zibura aho zigulishiriza imyaka zisaruye no kutagira ubulyo buhagije bwo kuyibika.

Koperative zidafite ubulyo bworoshye bwo kugulizwa amafranga nta n'ubwishingire zifite (garantie).

Sous-préfet yagejeje kuli Ministri icyifuzo cyo gushyiraho isanduku imeze nka CHAR yafasha abaturage kubaka neza.

Nyuma y'ijambo lya sous-préfet uhagaraliye préfet, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasobanuye ku bulyo burambuye imiterere ya Ministeri ayobora.

Ministri amaze gutanga ibyo bisobanuro, yasabye buli wese mu bali aho kuba yagira igitekerezo cyangwa se ikibazo yageza ku bandi kugirango akazi dushinzwe gashobore kurushaho kugenda neza.

Ba militante na milita ba Kibungo bagejeje kuli Ministri ibibazo n'ibyifuzo byabo.

### Ibyerekeye Imizamukire y'Abaturage

Ibibazo prefegitura ya Kibungo ihuje n'izindi prefegitura mu mizamukire y'abaturage:

1. - Kubura programu ijyanye n'amatwara y'ibigo bitsura amajyambere
2. - Kubura ibikoresho bihagije
3. - Kubura programu y'abashinzwe ibibazo by'abantu bidahuye bikulikije ubulyo bwabo bwo kubaho budahuye (services sociaux spécialisés)
4. - Ikibazo cya CHAR yavuyeho ntisimburwe.

### Ibibazo byihaliwe na prefegitura ya Kibungo

5. Abahoze bitwa ba animateri babajije impamvu izina lyabo lyahindutse bakitwa ba" moniteurs sociaux".
Bashubijwe ko akazi kabo ali ukuzamura abaturage, izina lyabo lyahinduwe kugirango lijyane n'ily'abakobwa bakora akazi nk'akabo "monitrices sociales" kandi bakulikije amatwara mashya y'ibigo bitsura amajyambere.

6. Kubura ibikoresho byo kwigisha gusoma no kwandika bituma abanyeshuli bacika intege, bakabona ko Leta ititaye kuli icyo gikorwa.
Ministri yabashubije ko Leta yitaye cyane kuli icyo gikorwa, ahubwo ko buli mwalimu yarakwiye kumenyesha Ministeri ibyo akeneye byose, ikabitegenya mu mafaranga yayo y'umwaka. Aliko kandi, abanyeshuli nabo bakwiye kuba bafasha Leta kuko nayo ikennye bakaba bakwishakira nk'amakaye n'utundi dukoresho tworoshye.

7. Ikigo gitsura amajyambere, gitaniye he n'ikigo cya Komini gitsura amajyambere kikanahugura abaturage (centre communal de développement et de formation permanente) kili mu mushinga wa "Plan d'Action Communale".
Ministri yashubije ko kubwe, ibigo bitsura amajyambere bigomba na byo gukora muli iyo nzira, ku bulyo ateganya kuzahura na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'uwa Plan kugirango bige neza uwo mushinga.

Ibyerekeye za Koperative

1. Koperative zibumba amatafali muli Kibungo zasabye Ministri ko habaho igiciro rusange cy'itafali mu gihugu cyose kuko muli Kibungo hali amashyamba make bigatuma nta nkwi zihagije zo gutwikisha amatanura kandi nazo zigurwa, n'amatafali bakayahendwaho. . Ministri yashubije ko icyo kibazo kireba ibigulishwa byose mu gihugu cyacu kuko ibiciro bitameze neza.
Yabasezeranyije ko icyo kibazo kizashyikilizwa Ministeri y'Imali n'Ubukungu ikagisuzuma kuko aliyo ishinzwe ibyerekeye ibiciro by'ibintu bigulishwa.
2. Koperative y'Abakozi b'i Rwinkwavu C.T.R.)
Uwahoze ali jera w'iyo Koperative yanyereje imali yayo. Perezida w'uwo mulyango yamenyesheje Ministri ko icyo kibazo cyashyikilijwe abacamanza mu rukiko rwa mbere rw'iremezo i Kibungo kandi ko urubanza rukulikiranwa na Somirwa. Abacamanza basabwe kurangiza bidatinze urwo rubanza kuko rumaze iminsi myinshi.
3. Ingorane muli Koperative zigulisha i kawa i Kibungo
Iyo bagemuye i kawa muli Rwandex ntabwo batuma batoragura izimenetse kandi aba ali nyinshi.
Barasaba Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative kubaha umuntu wo kubahagararira muli RWANDEX mu gihe bagulisha ikawa (pendant la campagne café) kuko babasuzugura.
Ministri yababwiye ko icyo gitekerezo ali cyiza kandi ko Ministeri izageragereza kureba ubulyo bwatuma Koperative zitarenganirira muli RWANDEX.
Koperative z'ubuhinzi zagiliwe inama z'ukuntu zishobora gukora zikagera ku majyambere nyakuli. Koperative zigomba kuba zuzuye, ni ukuvuga ko zigomba mbere na mbere kuba zigizwe n'abahinzi. Koperative kugirango ibe nziza igomba gukomatanya imilimo myinshi.
Urugero : Muli Koperative, abahinzi bashyirahamwe umusaruro wabo, bagahunika hamwe, bakagulishiliza hamwe imyaka yabo, bagakuraho ibigomba kubatunga, andi mafaranga akaguma muli Koperative, nayo ikajya ibahahira ibyo bakeneye batagombye guhendwa n'abacuruzi.

Koperative zikora bimwe muli Prefegitura zikwiye kugira Koperative imwe izihagaraliye izindi zikaba za succursales zayo ku bulyo kuzifasha no kuzisura byakoroha cyane.
Ikibazo cyo kuvuga ko Koperative zibura aho zigulishiliza umusaruro wazo ntabwo cyaba kikiruhije hali ishyirahamwe lyazo (Fédération des coopératives). Ilyo shyirahamwe lyakumvikana na OPROVIA cyangwa TRAFIPRO ikalifasha gutwara ibyo ligulisha.
Lishobora no kubigulisha mu mashuli, mu bigo by'ingabo z'u Rwanda n'ahandi.
Ministeri ishinzwe za Koperative nayo yashobora kubafasha.
5. Uwahoze ali animateur muli Komini Rutonde witwa GAHEBAGE Déogratias yimuliwe ahandi atwara amafaranga ya Koperative ibihumbi 57 (57.000 Frs). Yemeye kuzajya yishyura aliko none igihe yatanze cyararenze. Ministri yabasabye kwandikira Ministeri ayobora babinyujije kuli Inspegiteri wa za Koperative muli prefegitura, basaba Ministeri kubishyuliza ayo mafranga. Burgmestri wa Komini Rutonde yavuze ko bifite inyandiko muli Komini ye. Iyo nyandiko yerekana ko GAHEBAGE yemeye kuzishyura ayo mafranga. Basabwe rero kumenyesha Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative amafranga GAHEBAGE yemeye kujya atanga buli kwezi ikaba yashobora kubishyuliza.

.../...

Ku wa 27 Mata 1978 Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye imishinga imwe muli Prefegitura ya Kibungo.

1. Yasuye ikigo gitsura amajyambere kiyoborwa n'ababikira muli Komini Birenga. Icyo kigo kijijura urubyiruko rw'abakobwa gusa, bahabwa inyigisho zo mu mutwe niz'imilimo y'amaboko.
Umukuru w'icyo kigo yagejeje kuli Ministri ingorane bakunda guhura nazo kuli uwo mulimo wo kwigisha:
   - kubura imishahara y'abalimukazi kuko bahembwa n'ababikira
   - kutagira ibikoresho bihagije.
2. Ministri yasuye ishuli ly'ababyeyi (centre nutritionnel) naryo lifashwe n'abihaye Imana liri muli Komini Birenga. Umuyobozi w'iryo shuli yamenyesheje Ministri ko muli Kibungo amashuli y'ababyeyi akorana neza na za centres de santé n'indi milimo yo muli iyo prefegitura.
Ingorane iryo shuli ly'ababyeyi lihura nazo ni uko abayobozi baryo badashobora gukomeza guhura neza n'ababyeyi barangije kwiga n'uko abaturage batuye kure y'ishuli, umwana yaba arwaye umubyeyi ntashobora kumutwara nta n'ubundi buryo bwatuma ahamugeza kandi n'amashuli ali make.
Muli iryo shuli higamo ababyeyi b'ibitsina byombi.
3. Ministri yagiye kureba inzu Koperative ISHYAKA icurulizamo imyaka muli Komini Birenga.
ISHYAKA ni ishyirahamwe lya za Koperative z'ubuhashyi zo mu ma Komini alindwi: Birenga, Rusumo, Rutonde, Kigarama, Kabarondo, Rukira na Sake. Ilyo Shyirahamwe ligamije kugulisha imyaka y'abanyamuryango ku giciro cyiza no kugeza ku baturage ibyo bakeneye. Irwanya cyane izamuka ry' ibiciro literwa n'abacuruzi.
Ingorane umukuru w'ilyo shyirahamwe (Fédération) yagejeje kuli Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative :
   - COPISHYAKA ntirabona ubuzima gatozi
   - Ntishobora kugulizwa itaremerwa.
   - Kutagira imodoka itwara imyaka
   - Ubumenyi buke bw'abanyamulyango
   - Ikeneye abakozi bahagije kandi jera uhali ntamafranga yo kumuhemba aboneka
   - COPISHYAKA nta pièces comptables ifite kuko AIDR yanze kuzitanga. Kugeza ubu umutungo wa COPISHYAKA wasigaye muli AIDR ntabwo uzwi.
   - COPISHYAKA ikeneye amafranga yo gukoresha (Fonds de roulement).

Ministri yasezeranije abahagaraliye COPISHYAKA kuzakora uko ashoboye akaba akabafasha cyane cyane mu byerekeye kuyiha ubuzima gatozi kugira ngo ishobore kugulizwa no kubaza muli AIDR uko umutungo wa COPISHYAKA uteye.
Ilyo shyirahamwe likwiye gufashwa kuko lifite ibikorwa, umwete n'amatwara bigaragara byo guteza abaturage imbere.
Likwiye kubera izindi Koperative zitalishyirahamwe, Urugero

4. Kuli uwo munsi, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye Mutualité MUVANDIMWE muli Komini Kigarama.
Prezida wa Muvandimwe Milita HARELIMANA Védaste yamenyesheje Ministri amavu n'amavuko y'iyo Mutualité. Yavuze ko yatangiye muli 1966 igatangirwa n'umusaza witwa SEFIGI Israël.

.../...

Muvandimwe igamije gufasha abagize ibyago, guhamba abapfuye, gufasha abarwayi, kurwanya nyakatsi, guteza imbere ubuhinzi.
Mutualité Muvandimwe ikora muli Komini indwi zà Kibungo: Birenga, Kigarama, Kabarondo, Rusumo, Rukara, Kayonza na Rukira.
Muli iyo Mutualité bafite ingorane zo kubura imfashanyo kugira ngo bashobore kubakirana kijyambere, kutagira inkwi zo gutwikisha amatafali n'amategura no kubura imodoka yo kubatwalira ibintu (inkwi, amatafali n'amategura).
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yabasezeranije kuzasubira i Kibungo cyangwakwohereza yo umukozi wa Ministeri kugirango akulikirane neza ibyo bibazo no gushaka uburyo bwo kubashyigikira.

5. Ministri avuye muli Komini Kigarama yagiye gusura ikigo cy'Ingororamuco cy'i NSINDA.
Umuyobozi w'icyo kigo yeretse abashyitsi imilimo myinshi ikorwa n'abakobwa baharererwa. Yabatembereje mu milima y'amasaka, ubunyobwa, imyumbati, ibishyimbo, ibijumba, amashu n'ibindi.
Ministri yasuye n'amashuli abo bakobwa bigiramo gusoma no kwandika, kudoda, gufuma, gutaka n'izindi nyigisho zo mu mutwe.
Berekanye ibintu byinshi bakoze mu kudoda, gufuma no gutaka.
Umuyobozi w'icyo Kigo yatanze ibyifuzo byatuma kimera neza.
- kubabonera amafranga yo gukoresha (Fonds de roulement)
- kubaha ibikoresho bihagije (intebe, ameza, ububati n'ibindi)
- amazu mashya kandi meza
- umuliro (urumuli)
- amazi meza kandi ahagije
- imilima yo guhinga ihagije
- ihugurwa (stage, recyclage) ku bakozi b'icyo Kigo
- ibiryo byiza kandi bihagije
- ikigo kikaba Koperative cyangwa ishuli kuko atali uburoko (prison)
- Icyo kigo gikeneye abavuzi babili, umuforomo (assistant médical) n'umuforomo-kazi (infirmière) kuko ibitaro bili kure, indwara ali nyinshi hakaba hali n' abagore batwite bahura n'ingorane zo kubyara, abandi bafite utwana dutoya.
- Gushaka aho abavuye muli icyo kigo bashobora gukora ntibandagare.

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative amaze kumva ibyo byifuzo yasezeranije umuyobozi w'ikigo ko azabishyikiliza Ministri w'Ubucamanza kuko ali we ufite icyo Kigo mu milimo ashinzwe.

../..

URUGENDO RWAMINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA KIGALI ( 2 - 6 mai 1978)

Ku italiki ya 2 n'iya 3 Werurwe 1978, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yahuye n'abakozi ba Prefegitura ya Kigali.
Militant SEBATWARE André, préfet wa Prefegitura ya Kigali niwe wafunguye inama, avuga mu magambo make ibibazo bikunda kuboneka muli Prefegitura ye, mu byerekeye imizamukire y'abaturage na za Koperative.

- Kubura imodoka zituma abakozi bakora akazi bashinzwe neza
- Kubura programu nyayo yo kwigisha gusoma no kwandika
- Kutagira abakozi bafite ubumenyi buhagije mu kazi kabo
- Kutagira za ateliers z'ibitsina byombi

Nyuma y'ijambo lya préfet, Ministri yahise ababwira uko Ministeri ashinzwe iteye, anababwira imwe mu mishinga Ministeri igamije kugeraho muli uyu mwaka, yibanda cyane cyane ku gikorwa cyo kwigisha gusoma no kwandika, ababwira ko Ministeri ilimo kugishakira programu ihamye, avuga ko yifuza ko abazi gusoma no kwandika bagerageza kubyigisha bagenzi babo nta gihembo bategereje (bénévolat), nk'abanyeshuli mu biruhuko, abalimu n'abandi.
Ministri amaze kuvuga ijambo abali mu nama bahise batanga ibibazo n'ibyifuzo byabo.

Mu mizamukire y'Abaturage

1. Ibibazo byabajijwe muli prefegitura ya Kigali byabonetse no mu yandi maprefegitura.
   - Abakozi bake mu Mizamukire y'Abaturage
   - Ibikoresho bidahagije mu bigo bitsura amajyambere
   - Kubura programu y'ibigo bitsura amajyambere
   - Kugenzura imikoreshereze y'ibikoresho by'ibigo bitsura amajyambere
   - Kubura itegeko ligenga abashakanye (code familial)
   - Imishaharay'abalimukazi b'amashuli y'ababyeyi
   - Gushaka "Plan" y'amazu y'ibigo bitsura amajyambere
   - Ikibazo cya CHAR itarasimbuwe.

Ibibazo byihaliwe na Prefegitura ya Kigali

2. Prefegitura ya Kigali, ni umugi munini mu gihugu, ubonekamo ibibazo byinshi:
   - hali kibazo cy'abasaza bimurwa (expropriation) bakabura aho bagana, babajije Ministri niba hali uburyo Ministeri iteganya bwo kwakira abo basaza. Ministri yabashubije ko ibyo bigo bihenda kimwe n'iby'imfubyi, ko aliko Ministeri iteganya gukora umushinga wo kubaka ikigo cy'abasaza n'ik'imfubyi muli buli prefegitura. Uwo mushinga n'umara gutegurwa, Leta izashaka imiryango y'abagira neza yakubaka ibyo bigo.
   - I Kigali mu mugi, hali ikibazo cy'abasabiliza kigiye kunanirana. Abasabiliza bava kuli prefegitura bakajya kuli Komini, bagakomeza muli Caritas ndetse ntibibagirwe Croix-Rouge, cyangwa se bakava muli prefegitura bagana mu

yindi bakarangiza u Rwanda, bakifuza ko Ministeri yatanga impuguke zakwiga icyo kibazo zifatanije na Komini.
Ministri yabasubije ko icyo kibazo azagisuzuma neza.

3. Ikibazo cy'ibigo bimwe na bimwe bisaba abasosiyale ntibatume bakora akazi bigiye bakabategeka icyo bashaka nko gutera inshinge mu bitaro, gucuruliza za Koperative.
Ministri yavuze ko ahanini biterwa n'uko nta programu yakozwe na Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative ihali igenewe bene abo bakozi. Izo programu nizimara gukorwa icyo kibazo kizatungana.

4. Ikibazo cy'amaparuwasi ashinga ibigo bitsura amajyambere, inzu zamara gusaza bagasaba komini kuzisana kandi n'icyo kigo wenda komini itakizi. Bakabona ko ... ibyiza ali uko haba amasezerano hagati ya Leta n'abagiraneza bashaka kubaka ... nk'ibyo bigo.
Ministri yavuze ko ubundi bene ibyo bigo bigomba kumenyekana mu bategetsi bigishingwa, avuga ko ayo masezerano ali ngombwa.
Ayo masezerano agomba kuzigwa hagati ya Ministeri, komini n'abagira neza (ONG)

5. Abasosiyali bakora mu bitaro by'indwara zo mu mutwe i Ndera, bavuze ingorane bahura nazo, cyane cyane ibyerekeye abarwayi borohewe bagasubira iwabo.
Bamwe ntibamenya gufata imiti babahaye, abandi imilyango yabo ntibitayeho ngo ni abasazi, ugasanga barasubiwe, kandi abo basosiyali nta bulyo bafite bwo kubakulikirana iwabo. Bakifuza kugira ubufatanye n'abasosiyali bakora mu gihugu hose, bakabamenyesha aho abo barwayi bali, mu gihe basura abaturage, bakabakulikiranira n'abo barwayi.
Basaba n'aba Burgmestri kumenyesha abaturage ko ali ngombwa ko mbere yo kujyana umuntu i Ndera bagomba kugira urupapuro rwa muganga uboherereje, kuko hali benshi bajyayo barwaye malaria.
Ministri yavuze ko ubwo bufatanye ali ngombwa ko byaba byiza kurushaho bafatanije n'inzego z'ubuvuzi. Icyo kibazo kizigirwa hamwe na Ministeri y'Ubuvuzi kugirango turebe aho ubwo bufatanye ali ngombwa.

6. Abashaka gukora imidugudu babajije umubare wa metero bagomba gusiga kuva ku muhanda kugera ku nzu, no kuva ku nzu ujya ku yindi.
Milita agronome wa prefegitura yabasubije ko kuva ku muhanda ujya ku nzu ali metero 20, naho kuva ku nzu ujya ku yindi biterwa n'ikibanza cy'umuntu uko kingana.

7. Babajije akamaro k'isanduku yashyizweho amafaranga yahoze muli CHAR (FOSOR)
Ayo mafaranga agenewe gufasha abagize ibyago bitewe n'amapfa cyangwa basenyewe n'imvura, icyakora iyo sanduku ntitanga amafaranga, itanga ibikoresho, nk'amabati, sima n'ibindi.

.../...

Ibyifuzo byatanzwe mu mizamukire y'abaturage

1. Gushaka byihutirwa ikigo cy'abasaza
2. Gukora amasezerano ya komini n'abagiraneza (paruwasi n'abandi) mu byerekeye ibigo bitsura amajyambere n'amashuli y'ababyeyi.
3. Ubufatanye bw'ibitaro bivura indwara zo mu mutwe n'abakozi b'ibigo bitsura amajyambere mu Rwanda
4. Gushaka impuguke ziga ikibazo cy'abasabiliza mu mugi
5. Guhugura abalimu b'ibigo bitsura amajyambere by'abahungu, nk'abavuye muli za CERAR (Formation accélérée)
6. Kubaka no kwongera amazu y'ibigo bitsura amajyambere mu makomini.

Ibyerekeye Mouvement Coopératif muli Kigali

1. Koperative zahoze zigengwa n'umushinga wa O.B.M.
Koperative zikorana n'imishinga ya Leta, abaturage alibo banyamulyango ntabwo bazishimira kuko babona ntacyo zibamaliye basa nabazigiyemo ku gahato.
Ntabwo alibo bitorera inzego zibahagaralira, zishyirwaho na Leta.
Ibyo rero bigatuma badashobora kumenya uko umutungo w'umulyango ukoreshwa n'icyo Koperative ibamaliye.
Ubundi abanyamulyango nibo bishvilirahо abakozi. Leta ishobora kubafasha ibaha [illegible] abakozi aliko abo bakozi sibo bategeka Koperative, bayigira inama gusa. Koperative iyoborwa na beneyo.
Abanyamulyango ba Koperative zo mu Bugesera no mu Mayaga bifuza ko Leta yareka akaba alibo bitorera inzego zibahagaralira kandi bagashobora gukulikirana imikorere y'imilyango yabo.
2. Koperative CACOPAGI yo muli Komini Gikoro, ifite ingorane kuko ijyana ikawa muli Rwandex bakazirukana kandi nta modoka bafite bagomba gukodesha bigatuma Koperative ihomba.
Prezida wayo yasabye Ministeri ishinzwe za Koperative kubashakira aho bashobora kuguza amafaranga yo kugura imodoka yo kujya batwara ibyo [illegible] uz bagulisha no gushaka ubulyo babahagaralira kuli Rwandex ntibajye babirukana kubera kubasuzugura. Ministri yamusubije ko ibyo bibazo bizasuzumwa bigashakirwa ibisubizo.

3. Pré-coopérative RAEMKA (Réveillons-nous à l'agriculture et à l'élevage moderne à Kagunga) ili muli Komini Gikomero.
Abanyamulyango bayo bakoreshejwe n'abakozi ba Ministeri ya Plan (igifatanya na Ministeri y'umutungo w'igihugu, Mine na Kariyeri) muli 1975 bahinga mu gishanga, none ntibarahembwa. Babajije muli Ministeri ya Plan bababwira ko dossiers zili muli Ministeri y'umutungo n'Igihugu, Mini na Kariyeri.
Perezida w'iyo Koperative yavuze ko muli iyo Ministeri banze kubahemba amafaranga y'amezi abili kuko bakoze amezi alindwi bagahemberwa atanu gusa.
Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yamusezeranije ko azamubaliza muli Ministeri y'Umutungo w'Igihugu, Mini na Kariyeri, akamenya uko icyo kibazo giteye.

.../...

4. Koperative zimwe ziha abakozi bazo imishahara ili munsi y'iyatanzwe n'itegeko ligenga imilimo ugasanga mu gihe cy'iburana birushya Inspegiteri w'Imilimo. Ubundi Koperative yagombaga gutanga nibura amafranga angana n'ayagenwe n'itegeko ligenga imilimo mu gihugu. Bitabaye ibyo aba ali amakosa. Koperative ikora ityo yali ikwiye kumenyeshwa Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative igashobora kuyigira inama.

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yasuye Komini RUTONGO na MUGAMBAZI ku italiki ya 6 Gicurasi 1978.
Muli Komini Rutongo yasuye ikigo gitsura amajyambere cy'abakobwa n'icy'abahungu byombi bili i Bweramvura hafi ya Komini Rutongo.
Muli ibyo bigo abanyeshuli bahaherwa inyigisho zo mu mutwe, iz'imilimo y'amaboko n'iz'ubukolikoli.
Ingorane bakunda guhura nazo ni uko nta mazu yo kwigishilizamo n'ibikoresho bihagije bafite, n'abalimu bake.
Indi ngorane ni uko abaturage bataramenya neza akamaro ko kujijurwa ntibajye kwigishwa muli ibyo bigo. Abakunda kuboneka ni abakobwa n'abasore aliko abagore n'abagabo ntibarabyumva. Icyo kibazo ba bourgmestre bakwiye kugihagurukira bagasobanulira abaturage akamaro ko kwigishwa.

Ministri yakomeje asura ikigo gitsura amajyambere, atelier de couture, Ishuli ly'ababyeyi; ishuli ly'ingoboka ly'abahungu, pré-coopérative ISHYIRU (Ishyirahamwe ly'urubyiruko, pharmacie, n'aho abategarugoli bororera inkwavu i Masoro kuli Paruwasi Rutongo).

Ibyo byose bishyigikiwe n'ababikira n'abapadri ba paruwasi ya Rutongo.
Kuli uwo munsi Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yagendereye Komini Mugambazi asura ikigo gitsura amajyambere cyahO
Icyo kigo kijijura urubyiruko rw'ibitsina byombi.
- Ingorane ziboneka muli icyo kigo ni ukutagira ibikoresho bihagije.
- Bakeneye umwalimukazi muli icyo kigo na Assistante sociale muli Segiteri Buliza (Rutongo, Mugambazi, Mbogo) wo gufasha uhali kuko afite imilimo myinshi.

Ku byerekeye kubonera ibikoresho abahungu barangije kujijurwa mu milimo y'amaboko cyane cyane umwuga wo kubaza, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Rutongo wali uli aho yamenyesheje ko F.E.D. ishobora gutanga imfashanyo y'ibyo bikoresho mu gihe ibisabwe n'ababikeneye.

- - -

IBIBAZO N'IBYIFUZO BYASHYIKILIJWE MINISTRI W'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE NA ZA KOPERATIVE MU NGENDO ZE.

IBIBAZO N'IBYIFUZO

Mu Mizamukire y'Abaturage

1. Gusobanulira abaturage ibyerekeye imizamukire yabo muli Radiyo :
   - Kujijurwa mu bigo bitsura amajyambere
   - Kubumvisha ko bagomba kubyara abana bashoboye kurera
2. Gutanga programu nshya mu bigo bitsura amajyambere bigomba kujijura abantu b'ibitsina byombi
3. Kutibagirwa kwigisha imibare mu gihe bigisha gusoma no kwandika
4. Gutanga ibikoresho n'imfashanyigisha mu bigo bitsura amajyambere, documentation, n'imodoka zigeza abakozi ku milimo.
5. Gushyira muli buli prefegitura "un service social spécialisé"
6. Gushinga ishuli likuru (supérieur) lyigisha ibyerekeye imizamukire y'abaturage (lisumba ilyo ku Karubanda n'i Kansi)
7. Gushinga ikigo cy'abasaza n'icy'imfubyi muli buli prefegitura
8. Gukuraho section sociale terminale yo ku Karubanda kuko barangizamo bakili bato cyane.
9. Kwiga ibyerekeye imishahara y'abakozi bo mu mashuli y'ababyeyi no mu bigo bitsura amajyambere bifashwe n'abagira neza, nka za paruwasi.
10. Gutunganya neza umwaka w'abana wa 1979.
11. Gusimbuza CHAR indi sanduku ifasha abaturage kubaka
12. Kongera abakozi (assistantes sociales) mu bitaro
13. Gushyira umuforomo (assistant médical) muli buli shuli ly'ababyeyi kuko akenewe cyane
14. Gukora plan y'amazu y'ibigo bitsura amajyambere, bakulikije intego nshya z'ibyo bigo
15. Gukora amasezerano ya Leta n'abagiraneza (ONG) mu byerekeye gushinga ibigo bitsura amajyambere n'amashuli y'ababyeyi
16. Guhugura abalimu b'ibigo bitsura amajyambere b'abagabo (formation accélérée des moniteurs sociaux communaux)
17. Kwiga ikibazo cy'abasabiliza mu migi
18. Ibikoresho byatanzwe na UNICEF mu bigo bitsura amajyambere byangilitse, guteganya isanwa lyabyo cyangwa kubigulisha igihe bitagishoboye gukoreshwa. Mbere na mbere n'ukubanza kubibarura.
19. Gukora amakalita y'ibikorwa bya Ministeri mu Rwanda (ibigo bitsura amajyambere, amashuli y'ababyeyi, ibibeho byo gusoma no kwandika, koperative n'ibindi)
20. Guteganya ingendo zo kwihugura (voyages d'étude) z'abashinzwe ibigo bitsura amajyambere.
21. Kwiga uko igikorwa cyo gufasha imbabare (assistance publique)

../..

cyarushaho kugira akanaro.

22. Kwiga akanaro k'ibigo ngororamuco (centres de rééducation et de production.)
23. Kwiga uko bagabanya umubare w'ibigo bitsura amajyambere mu makomini kugirango birusheho gukora neza.
24. Kwiga imiterere ya za segiteri sosiyali mu gihugu.

Ibibazo n'ibyifuzo byihaliye

Mu mizamukire y'abaturage

1. Gushyira une assistante sociale muli OVAPAM, komini Muvumba-Byumba
2. Kumenya impamvu ikigo cy'imfubyi cy'i Butare-Buye cyafunzwe (orphelinat)
3. Kohereza umwalimukazi mu kigo gitsura amajyambere cyo kuli komini Mbazi-Butare
4. Gushyira abakozi (monitrices de secteur) muli segiteri Mvejuru, gakoma na Ndora muli Butare
5. Gushyira Madame Narame Christine wakoraga muli Komini Mbazi mu ishuli ly'ababyeyi lyegereye umulyango we kuko amerewe nabi.
6. Guha indemnités forfaitaires abakozi (assistantes sociales) bakora mu kigo kivulirwamo ibibembe i Butare
7. Gusana ikigo gitsura amajyambere cy'i Ngoma Butare
8. Gushakira abategarugoli b'i Butare ibikoresho bya atelier de couture: imashini zidoda.
9. Gushakira abakozi segiteri ya Bunyambilili
10. Kwiga byihutirwa umushinga "restructuration des foyers sociaux en centres sociaux de développement " muli prefegitura ya Ruhengeri
11. Gushyira telefoni mu kigo gitsura amajyambere mu rwego rwa prefegitura ku Gisenyi (Nyundo) no kugishakira imodoka.
12. Gusana amazu y'ishuli lihugura abalimukazi b'ibigo bitsura amajyambere ku Nyundo
13. Kongera abakozi bo muli segiteri Kora na Kingogo ho muli Gisenyi.
14. Gushyira ikigo gitsura amajyambere muli suprefegitura ya Kabaya (Gisenyi)
15. Gushyira umusosiyali muli orphelinat yo ku Nyundo (Gisenyi)
16. Gushaka abasosiyali bo gukora muli segiteri médical, na segiteri social y'i Gitarama
17. Gushaka umukozi uhuza imishinga ya kijyambere muli buli prefegitura (umukozi uhuza imilimo y'Imizamukire y'abaturage na za koperative)
18. Gushakira ibikoresho n'imfasha-nyigisho ikigo cy'ingororamuco cy'i NSINDA ( (Kibungo)
19. Gushyira umuforomokazi mu kigo cy'i NSINDA
20. Guhugura abakozi b'icyo kigo
21. Gushyira ikigo cy'abasaza muli prefegitura ya Kigali, n'ikigo cyo kwakira abakeneye imfashanyo (indigents) igihe bakibashakira iyo mfashanyo.
22. Kwiga imiterere ya za segiteri sosiyali z'i Gitarama (hali nk'ikozwe na Komini imwe, urugero : Nyakabanda.)

.../...

23. Kwiga ikibazo cya ouvroir ya Mama Gatarina ku Nyundo, isaba ko yaba ikigo gitsura amajyambere. Mbere yo kubyemera, Ministeri y'Abakozi ba Leta n'imilimo igomba kugenzura ibyerekeye imishahara y'abana bakora muli iyo ouvroir kuko twasanze abo bana bahabwa umushahara muke cyane.

24. Gusimbura umukozi wa centre de santé y'i Kigembe (Butare), uwali uhasanzwe yalimuwe.

25. Gushakira ikigo gitsura amajyambere cy'i Butare ibikoresho by'umuganda

26. Gushakira ibisubizo by'ibyagezwcho mu nama yabereye i Mata ho muli Gikongoro, yerekeye ubulyo bushya bwo kwigisha gusoma no kwandika.

27. Kwiga umushinga wa Komini Mubuga (Gikongoro) werekeye ibigo bitsura amajyambere n'amashuli y'ababyeyi.

## Mouvement Coopératif

### Ibyemezo n'ibyifuzo rusange muli za Koperative

1. Gusaba Koperative TRAFIPRO kujya ibonera Koperative zicuruza ibyo zikeneye kuko abacuruzi bazitambamira ntizibone aho zirangulira ibintu ku giciro cyiza, no gushakira Koperative z'ubuhinzi ubulyo bworoshye bwo kugulisha no guhunika umusaruro wazo.
Gusuzumira hamwe n'abayobozi ba OPROVIA icyo kibazo cyerekeye igulisha ly'imyaka ya za Koperative.

2. Gushyiraho isanduku rusange ya za Koperative (caisse intercoopérative de solidarité) yajya igoboka Koperative mu gihe zigiye kugwa.

3. Gufasha Koperative mu gihe zi'urana mu nkiko, guca imanza zazo bidatinze no kuzishyuliza amafaranga yazo mu gihe ziyatsindiye kuko bazirangarana.

4. Mu gihe bandikiye cyangwa basaba Koperative raporo, Koperative zasabye ko babajya bakulikiza urulimi abanyamuryango ba Koperative bazi kuko haba ubwo bababandikira mu gifaransa kandi batakizi ugasanga badashobora gusubiza.

5. Gusuzuma ikibazo cyerekeye Cotisations Koperative zitanga muli Chambre de commerce et d'industrie du Rwanda kuko bazisaba gutanga ibihumbi bitandatu (6.000) kandi umucuruzi atanga igihumbi gusa (1.000). Koperative zicuruza zitanga ayo mafaranga batabanje kureba uko zifashe, igihe zimaze zikora, n'umutungo wazo, nyamara abacuruzi bafite byinshi bagatanga make.

6. Kugira ngo Koperative zibone igihe gihagije cyo gushinga imizi, zasabye ko igihe gitegenijwe n'itegeko lyo kuzikuliraho imisoro mu myaka itanu ikulikira iyemerwa ryayo cyakongerwa kandi bakazikuliraho imisoro y'amoko yose.

7. Koperative zitaremerwa (pré-coopératives) nazo zikwiye kugira amategeko azigenga zikamenywa nibura n'ubutegetsi buzegereye kuko hali amashyirahamwe menshi yiyita koperative kandi adafite amatwara n'ibimenyetso bya Koperative.

.../...

8. Guhugura kenshi abanyamulyango n'abakozi ba Koperative kuko bafite ubumenyi buke ntibashobore gucunga neza umutungo wa Koperative.

9. Gushyiraho agatabo (akanyamateka) kavuga ibyerekeye koperative kugirango zishobore kumenyekana mu gihugu.

10. Gushyigikira Koperative mu gihe zigulisha ikawa muli Rwandex kuko zilyamirwa cyane mu gihe ntawe uzihagaraliye.

<u>Ibyemezo n'ibyifuzo bya Koperative byihaliye</u>

1. Gukulikirana no kumenya neza ikibazo cya koperative CAVECUVI y'i Cyangugu cyane cyane ku byerekeye igiciro cy'umuceli n'isano ifitanye n'umushinga wa MINAGRI wo kwanamaza ubuhinzi bw'umuceli muli ako karere kuko bitameranye neza.

2. Gufasha koperative z'ubuhinzi bw'icyayi muli Byumba zihura n'ingorane y'amazi mu gishanga ntizishobore guhinga n'ibyo zihinze bikangilika.

3. Gusuzuma imimerere ya Koperative y'ubuhinzi n'ubworozi muli komini Kinyami i Byumba kuko abanyamulyango batagishaka gukora none icyayi cyabo kikaba cyarangilitse.

4. Kwishyuliza koperative AMACO-GILISUKA yo ku Kibuye amafranga yayo bakulikije factures zoherejwe muli Ministeri.

5. Gufasha koperative ADERICAM yo ku Kibuye kwishyuza amafranga yayo uwitwa KARANGWA Onesphore ukora i Kibungo ayilimo kandi yatinze kwishyura kuva muli 1972.

6. Gukulikirana neza ikibazo cya Koperative COPAEGI (pré-coopérative) y'i Gitarama kuko irega uwitwa SERUVUMBA Gérard kubera amafranga yayitwaye.

7. Gusura koperative COMMIMAR yo muli Taba i Gitarama na COBOURWA yo muli Nyamabuye i Gitarama kuko zifite ingorane nyinshi zikwiye gusuzumwa.

8. Gusuzuma neza ibibazo bya koperative zo mu Bugesera no mu Mayaga zahoze zifashwa n'umushinga wa OBM none ukaba wararangiye.
Abanyamulyango bifuza kuziyobora kuko ali izabo.

9. Gufasha no gushyigikira Fédération ya za koperative z'i Kibungo yitwa KOPISHYAKA kuko ifite amatwara aboneye kandi ikaba idafite amafranga menshi n'abakozi bahagije.

10. Gukulikirana neza ukuntu Mutualités zakoraga n'uko federasiyo y'i Butare yasenyutse. Kumenya neza aho umutungo wayo ukwiye kujya.

11. Gusura no gushyigikira mutualités Muvandimwe ili muli komini Kigarama i Kibungo kuko ikeneye inama nyinshi n'imfashanyo za Ministeri ishinzwe imilyango ya Mutualités.

12. Gufasha koperative y'abakozi b'i Rwinkwavu (C.T.R., ancienne C.T.G) kuburana no kwishyuza amafranga uwahoze ali Jera wayo yayitwaye none urubanza rukaba ruli mu Rukiko rwa mbere rw'iremezo i Kibungo.

13. [illegible]

...[illegible]

[illegible] ...zishobora [illegible] ...uza amafranga [illegible]

...../....

13. Gushaka umusimbura wa inspegiteri wa koperative muli suprefegitura ya Bunyambiliri kuko undi yahagalitswe.

14. Kwita ku kibazo cyo gushakira koperative aho zishobora kujya ziguza amafranga yo gukoresha.

15. Kubonana n'abayobozi ba Banki z'abaturage kugira ngo zijye ziguliza imilyango ya Koperative amafranga.

---